<p>umubyeyi, umwishingizi cyangwa undi muntu ushinzwe kwita ku mwana amugenera umwanya n'ibyangombwa bimufasha gukina no kwidagadura hitawe ku kigero n'imiterere by'umwana.</p> <p>(2) Urwego rugena imikino n'imyidagaduro bibereye umwana mu rwego rwo kubungabunga ubuzima bwe no kumuha amahirwe yo kugaragaza impano ze.</p> <p>(3) By'umwihariko, amashyirahamwe y'imikino arinda ko abana bashorwa mu mikino ishobora guhungabanya ubuzima, imikurire, iterambere ry'imitekerereze n'imyigire byabo.</p>	<p>parent, guardian or any other person with the duty to take care of a child provides a child with time and materials that enable a child to play and be entertained depending on the child's age and state.</p> <p>(2) The Organ determines suitable games and leisure for a child in order to safeguard his or her health and give him or her a chance to show his or her talents.</p> <p>(3) In particular, sports associations prevent children from being involved in games that may harm their health, growth, mental development and education.</p>	<p>ou une personne qui a le devoir de prendre soin de l'enfant lui fournit du temps et du matériel pour l'aider dans les jeux et loisirs en fonction de son âge et de son état.</p> <p>(2) L'Organe détermine les jeux et loisirs adaptés à l'enfant afin de le maintenir en bonne santé et de lui permettre de manifester ses talents.</p> <p>(3) En particulier, les associations sportives évitent que les enfants soient entraînés dans des sports pouvant nuire à leur santé, à leur croissance physique, à leur développement mental et à leur éducation.</p>
<p><u>Ingingo ya 8: Ibikorwa remezo n'ibikoresho by'imikino</u></p> <p>Amashuri yose kuva ku y'incuke kugera ku yisumbuye, ay'imyuga n'ubumenyigiro n'ahandi hose hahurira abana hagomba kugira ibikorwa remezo n'ibikoresho by'imikino bikenewe abana bifashisha mu mikino no mu myitozo ngororamubiri.</p>	<p><u>Article 8: Infrastructure and equipment for sports</u></p> <p>All schools from nursery to secondary schools, technical and vocational schools and other gathering places for children must have necessary infrastructure and equipment to enable children to play and take physical exercises.</p>	<p><u>Article 8 : Infrastructures et équipement sportif</u></p> <p>Toutes les écoles, à partir des écoles maternelles jusqu'aux écoles secondaires, techniques et professionnelles et autres lieux de rencontre pour les enfants, doivent disposer d'infrastructures et d'un équipement nécessaire permettant aux enfants de jouer et de faire des exercices physiques.</p>

<p>UMUTWE WA III: UBURYO BWO KWITA KU BUZIMA N'IMIBEREHO MYIZA BY'UMWANA UFITE IBIBAZO BYIHARIYE</p> <p><u>Ingingo ya 9:</u> Umwana urebwa n'ibivugwa muri uyu mutwe</p> <p>Umwana urebwa n'ibivugwa muri uyu mutwe ni umwana ufite ubumuga bwihariye, umwana w'impunzi n'umwana ubana na nyina mu igororero.</p> <p><u>Icyiciro cya mbere:</u> Umwana ufite ubumuga bwihariye</p> <p><u>Ingingo ya 10:</u> Kumenyekanisha umwana ufite ubumuga bwihariye</p> <p>Umubyeyi, umwishingizi cyangwa undi muntu ushinze kwita ku mwana ufite ubumuga bwihariye agomba kubimenyesha ubuyobozi bw'Akagari k'aho uwo mwana aba kugira ngo abarurwe.</p> <p><u>Ingingo ya 11:</u> Gushyira mu kigo umwana ufite ubumuga bwihariye</p> <p>(1) Ubuyobozi bw'Akagari bukora urutonde rw'abana bafite ubumuga</p>	<p>CHAPTER III: MODALITIES FOR TAKING CARE OF THE HEALTH AND WELL-BEING OF A CHILD WITH SPECIAL PROBLEMS</p> <p><u>Article 9:</u> Child concerned by provisions of this chapter</p> <p>The child concerned by provisions of this chapter is a child with special disability, a refugee child and a child living with his or her mother in a correctional facility.</p> <p><u>Section One:</u> Child with special disability</p> <p><u>Article 10:</u> Reporting a case of a child with special disability</p> <p>A parent, guardian or any person with the duty to take care of a child with special disability must inform Cell authorities of place of residence of the child for the later to be registered.</p> <p><u>Article 11:</u> Placement of a child with special disability in an institution</p> <p>(1) Cell's authorities draw up a list of children with special disabilities from</p>	<p>CHAPITRE III : MODALITÉS DE PRENDRE SOIN DE LA SANTÉ ET DU BIEN-ÊTRE D'UN ENFANT PRÉSENTANT DES PROBLÈMES PARTICULIERS</p> <p><u>Article 9 :</u> Enfant concerné par les dispositions du présent chapitre</p> <p>L'enfant concerné par les dispositions du présent chapitre est un enfant ayant un handicap particulier, un enfant réfugié et un enfant vivant avec sa mère dans un établissement correctionnel.</p> <p><u>Section première :</u> Enfant ayant un handicap particulier</p> <p><u>Article 10 :</u> Déclaration d'un enfant ayant un handicap particulier</p> <p>Un parent, un tuteur ou une autre personne qui a le devoir de prendre soin d'un enfant ayant un handicap particulier doit informer les autorités de la Cellule du lieu de résidence de cet enfant pour que ce dernier soit enregistré.</p> <p><u>Article 11 :</u> Placement d'un enfant ayant un handicap particulier dans un établissement</p> <p>(1) Les autorités de la Cellule établissent une liste des enfants ayant un handicap</p>
---	---	---

<p>bwihariye baturuka mu miryango ikennye bagashyirwa mu kigo cyita ku bana bafite ubumuga kugira ngo bitabweho, nyuma bazasubizwe mu miryango yabo. Urwo rutonde rwemezwa n'Umurenge, ukarushyikiriza Akarere.</p> <p>(2) Akarere gashyikiriza urutonde ruvugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo Urwego kugira ngo rurwemeze ku bufatanye n'urwego rw'Igihugu rufite abafite ubumuga mu nshingano.</p> <p>(3) icyakora, iyo muganga wemewe na leta yemeje ko umwana afite ubumuga bukabije ku buryo nyuma yo gusubizwa mu murungu we, uwo murungu utashobora kumwitaho, uwo mwana aba arekewe mu kigo kugira ngo akomeze kwitabwaho mu buryo bukwiye.</p> <p>(4) Umurungu w'umwana uri mu kigo ukomeza kumusura no kumuba hafi.</p> <p><u>Ingingo ya 12: Gukurikirana abana bafite ubumuga</u></p> <p>Ubuyobozi bw'inzego z'ibanze bugomba</p>	<p>poor families for them to be placed in an institution that takes care of children with disabilities pending their return to their respective families. The list is approved by the Sector and submitted to the District.</p> <p>(2) The District submits the list referred to in Paragraph (1) of this Article to the Organ for approval in collaboration with the national organ in charge of persons with disabilities.</p> <p>(3) However, when a recognised medical doctor certifies that a child has severe disability to the extent that his or her family cannot afford to take care of the child after the child is taken back into the family, the child remains in the institution to continue to benefit from appropriate care.</p> <p>(4) The family of the child placed in an institution continues to visit the child and stays close to him or her.</p> <p><u>Article 12: Follow-up on children with disabilities</u></p> <p>Local authorities must closely monitor the</p>	<p>particulier issus des familles pauvres pour qu'ils soient placés dans un établissement de prise en charge des enfants ayant des handicaps en attendant leur retour dans leurs familles respectives. Cette liste est approuvée par le Secteur et soumise au District.</p> <p>(2) Le District soumet la liste visée au paragraphe (1) du présent article à l'Organe pour approbation en collaboration avec l'organe national ayant les personnes handicapées dans ses attributions.</p> <p>(3) Toutefois, lorsque le médecin agréé atteste qu'un enfant a un handicap grave, à telle enseigne que même après son retour dans sa famille, celle-ci ne peut pas assurer sa prise en charge, l'enfant reste dans l'établissement pour que sa prise en charge appropriée continue.</p> <p>(4) La famille de l'enfant qui a été placé dans un établissement continue de lui rendre visite et d'être près de lui.</p> <p><u>Article 12 : Suivi des enfants ayant un handicap</u></p> <p>Les autorités locales doivent suivre de près les</p>
---	--	--

<p>gukurikiranira hafi imibereho y'abana bafite ubumuga bari mu bigo n'abari mu miryango.</p> <p><u>Icyiciro cya 2: Umwana w'impunzi</u></p> <p><u>Ingingo ya 13: Kumenyekanisha umwana w'impunzi</u></p> <p>Umuntu ubonye umwana w'impunzi abimenyeshya umuyobozi w'urwego rw'ibanze rumwegereye na rwo rukabimenyeshya urwego rw'Igihugu rushinzwe abinjira n'abasohoka.</p> <p><u>Ingingo ya 14: Amakuru y'ingenzi ajyanye n'umwirondoro atangwa mu gihe cyo kumenyekanisha umwana w'impunzi</u></p> <p>(1) Mu gihe cyo kumenyekanisha umwana w'impunzi umumenyekanisha agomba gutanga amakuru ajyanye n'umwirondoro akurikira:</p> <p>(a) amazina y'umwana;</p> <p>(b) itariki y'amavuko;</p> <p>(c) amazina y'ababyeyi, ay'umwishingizi cyangwa</p>	<p>living conditions of children with disabilities who are placed in institutions and families.</p> <p><u>Section 2: Refugee child</u></p> <p><u>Article 13: Reporting a refugee child</u></p> <p>A person who finds a refugee child informs the nearest local authority who, in turn, informs the national immigration and emigration organ.</p> <p><u>Article 14: Key identification details to provide when reporting a case of a refugee child</u></p> <p>(1) When reporting a refugee child, a person who reports him or her must give the following identification details:</p> <p>(a) the child's names;</p> <p>(b) the date of birth;</p> <p>(c) the names of parents, of a guardian or any other person to care for him</p>	<p>conditions de vie des enfants ayant un handicap qui sont placés dans des établissements et ceux qui vivent dans les familles.</p> <p><u>Section 2 : Enfant réfugié</u></p> <p><u>Article 13 : Déclarer un enfant réfugié</u></p> <p>Une personne qui trouve un enfant réfugié en informe l'autorité de l'administration locale la plus proche qui, à son tour, en informe l'organe national de l'immigration et de l'émigration.</p> <p><u>Article 14 : Éléments d'identification clés à fournir lors de la déclaration d'un enfant réfugié</u></p> <p>(1) Lors de la déclaration d'un enfant réfugié, la personne qui le déclare doit fournir les éléments d'identification suivants :</p> <p>(a) les noms de l'enfant ;</p> <p>(b) la date de naissance ;</p> <p>(c) les noms des parents, d'un tuteur ou d'une autre personne qui le prend</p>
---	---	---

<p>ay'undi muntu ushinzwe kumwitaho;</p> <p>(d) amazina y'abandi bagize umuryango w'umwana;</p> <p>(e) igihugu akomokamo;</p> <p>(f) igihe yatandukaniye n'umuryango we;</p> <p>(g) aho uwo mwana abarizwa ubu.</p> <p>(2) Iyo umenyekanisha umwana w'impunzi adafite amakuru ya ngombwa ku mwirondoro w'uwo mwana, amushyikiriza urwego rw'Igihugu rushinzwe abinjira n'abasohoka.</p>	<p>or her;</p> <p>(d) the names of the child's family members;</p> <p>(e) the country of origin;</p> <p>(f) the period of separation from his or her family;</p> <p>(g) the child's current address.</p> <p>(2) If the person who declares a refugee child does not have necessary information on the child's identity, the child is put at the disposal of the national organ in charge of immigration and emigration.</p>	<p>en charge ;</p> <p>(d) les noms des membres de famille de l'enfant;</p> <p>(e) le pays d'origine ;</p> <p>(f) la période de séparation de l'enfant d'avec sa famille ;</p> <p>(g) l'adresse actuelle de l'enfant.</p> <p>(2) Si la personne qui déclare un enfant réfugié ne dispose pas d'informations nécessaires sur l'identité de l'enfant, cet enfant est mis à la disposition du service d'immigration et émigration.</p>
<p><u>Ingingo ya 15: Guhuza umwana w'impunzi n'umuryango we</u></p> <p>(1) Nyuma yo kwegeranya amakuru ya ngombwa, umwana w'impunzi agomba guhuzwa n'umuryango we, iyo wabonetse.</p> <p>(2) Iyo abagize umuryango bari mu gihugu cy'amahanga, guhuzwa bigomba kubahiriza amahame mpuzamahanga yerekeye</p>	<p><u>Article 15: Reunification of a refugee child with his or her family</u></p> <p>(1) After collecting the necessary information, a refugee child must be reunited with his or her family, if it is found.</p> <p>(2) When family members are in a foreign country, reunification is done in compliance with international principles relating to refugee and</p>	<p><u>Article 15 : Réunion d'un enfant réfugié avec sa famille</u></p> <p>(1) Après la collecte des informations nécessaires, un enfant réfugié doit être réuni avec sa famille, si la famille est retrouvée.</p> <p>(2) Lorsque les membres de la famille sont dans un pays étranger, la réunification doit respecter les principes internationaux relatifs aux droits des</p>

<p>uburenganzira bw'impunzi n'ubw'ikiremwa muntu.</p> <p>(3) Mu gihe guhuzwa n'umuryango bidashoboka, umwana w'impunzi ashakirwa uburyo yitabwaho by'agateganyo mu gihe hagishakishwa umuryango we, byose bigakorwa hakurikijwe amategeko agenga impunzi.</p> <p><u>Icyiciro cya 3: Umwana ubana na nyina mu igororero</u></p> <p><u>Ingingo ya 16: Gusuzuma umwana n'umugore binjiye mu igororero</u></p> <p>(1) Umwana winjiranye na nyina mu igororero akorerwa isuzuma rusange na muganga kugira ngo yitabweho.</p> <p>(2) Umugore wafunzwe ahita akorerwa isuzuma kugira ngo barebe ko atwite no gusuzuma ibindi bibazo by'ubuzima.</p> <p>(3) Iyo isuzuma rivugwa mu gika cya (2) cy'iyi ngingo rigaragaje ko umugore atwite, yaba afite cyangwa adafite</p>	<p>human rights.</p> <p>(3) When reunification with the family is impossible, the refugee child is placed under interim care pending completion of the tracing of his or her family, all in accordance with laws governing refugees.</p> <p><u>Section 3: Child living with the mother in a correctional facility</u></p> <p><u>Article 16: Check-up for a child and a woman upon their entry into a correctional facility</u></p> <p>(1) A child entering a correctional facility with his or her mother undergoes a general medical check-up to provide him or her with care services.</p> <p>(2) An incarcerated woman is immediately tested for pregnancy and other health conditions.</p> <p>(3) When the test referred to in Paragraph (2) of this Article shows that the woman is pregnant, whether or not she</p>	<p>réfugiés et aux droits de la personne humaine.</p> <p>(3) Lorsque la réunification avec la famille n'est pas possible, l'enfant réfugié bénéficie d'une prise en charge temporaire pendant la recherche de sa famille, et ce, conformément à la législation régissant les réfugiés.</p> <p><u>Section 3 : Enfant vivant avec sa mère dans un établissement correctionnel</u></p> <p><u>Article 16 : Contrôle d'un enfant et d'une femme lors de leur entrée dans un établissement correctionnel</u></p> <p>(1) Un enfant qui entre dans un établissement correctionnel avec sa mère est soumis à un examen médical général pour bénéficier des services de soins.</p> <p>(2) Une femme incarcérée est immédiatement soumise à un test de grossesse et aux tests de dépistage d'autres maladies.</p> <p>(3) Lorsque le test mentionné au paragraphe (2) du présent article montre que la femme est enceinte,</p>
--	---	--

<p>ubundi burwayi, atangira gukurikiranirwa hafi no kwitabwaho, hakanitabwa ku mpapuro yisuzumishirijeho cyangwa yivurijeho mbere yo kuzanwa mu igororero iyo zihari, kugira ngo habungabungwe ubuzima bw'umwana atwite.</p> <p>(4) Ubuyobozi bw'igororero umugore utwite afungiwemo bugomba kumujyana kubyarira mu ivuriro rifite ubushobozi bwo kumufasha, iyo igihe cyo kubyara kigeze.</p>	<p>has another disease, the woman begins antenatal care and provided with healthcare and on the basis of consultation forms or prescriptions she has before her arrival in the correctional facility, if any, in order to protect the child's health.</p> <p>(4) The management of the correctional facility where a pregnant woman is kept must, at the time her pregnancy reaches full term, take her to a health facility capable of assisting her.</p>	<p>qu'elle soit ou non atteinte d'une autre maladie, elle commence à faire l'objet de soins prénataux et de prise en charge et en se basant également sur ses fiches de consultation ou ordonnances médicales prescrites avant son arrivée dans l'établissement correctionnel, s'il y en a, pour protéger la santé de l'enfant.</p> <p>(4) La direction de l'établissement correctionnel dans lequel est gardée une femme enceinte doit, lorsque cette dernière arrive au terme de sa grossesse, la faire parvenir à un établissement de santé ayant la capacité de l'assister.</p>
<p><u>Ingingo ya 17: Kwandika umwana wavutse mu bitabo by'irangamimerere</u></p> <p>(1) Umwana wavukiye mu igororero agomba kwandikwa mu bitabo by'irangamimerere mu buryo no mu gihe biteganywa n'amategeko.</p> <p>(2) Ubuyobozi bw'igororero bufasha abagore bafite abana mu igororero kwandikisha ivuka ryabo.</p>	<p><u>Article 17: Registration of the child's birth in civil registers</u></p> <p>(1) A child born in a correctional facility must be registered in civil registers under the conditions and within the time limits provided for by law.</p> <p>(2) The correctional facility management assists women living with their children in the correctional facility in birth registration of their children.</p>	<p><u>Article 17 : Inscription de la naissance d'un enfant aux registres de l'état civil</u></p> <p>(1) Un enfant né dans un établissement correctionnel doit être enregistré aux registres de l'état civil dans des conditions et des délais prévus par la loi.</p> <p>(2) La direction de l'établissement correctionnel assiste les femmes vivant avec leurs enfants dans l'établissement correctionnel dans l'enregistrement de naissance de leurs enfants.</p>

<p><u>Ingingo ya 18: Amafunguro yihariye</u></p> <p>(1) Buri gororero rigenera abagore batwite, abonsa n’abafite abana batarageza ku myaka itatu y’amavuko indyo yihariye ikungahaye ku ntungamubiri.</p> <p>(2) Buri gororero rifungirwamo abagore rigomba kugira umukozi ushinzwe gukurikirana imirire y’abana, ababyeyi batwite n’ababyeyi bonsa.</p>	<p><u>Article 18: Special food diet</u></p> <p>(1) Each correctional facility provides a special nutrient-dense food diet for pregnant women, breastfeeding women and those with children under three years of age.</p> <p>(2) Each correctional facility hosting women must have an officer in charge of nutrition for children, pregnant women and breastfeeding women.</p>	<p><u>Article 18 : Régime alimentaire particulier</u></p> <p>(1) Chaque établissement correctionnel prévoit un régime alimentaire particulier riche en nutriments pour les femmes enceintes, les femmes allaitantes et celles ayant des enfants âgés de moins de trois ans.</p> <p>(2) Chaque établissement correctionnel qui abrite des femmes doit disposer d’un agent chargé du suivi de la nutrition des enfants, des femmes enceintes et des femmes allaitantes.</p>
<p><u>Ingingo ya 19: Kwita ku buzima bw’umwana</u></p> <p>(1) Umwana uri kumwe na nyina mu igororero ahabwa inkingo zose zigenerwa abana bari mu kigero cye.</p> <p>(2) Umuyobozi w’igororero akurikirana uko ikingira ry’abana bari mu igororero ayobora rikorwa ndetse akanagenzura ko umwana agezwaho gahunda z’ubuzima inzego bireba zigenera abana bari mu kigero cye.</p>	<p><u>Article 19: Taking care of the child’s health</u></p> <p>(1) A child living with her mother in a correctional facility receives all the vaccines given to children of his or her age.</p> <p>(2) The correctional facility director makes follow-up on the vaccination of the children in the correctional facility under his or her headship and monitors whether the child benefits from health programs designed for children of his or her age by relevant organs.</p>	<p><u>Article 19 : Prise en charge de la santé de l’enfant</u></p> <p>(1) Un enfant vivant avec sa mère dans un établissement correctionnel bénéficie de tous les vaccins prévus pour les enfants de son âge.</p> <p>(2) Le directeur de l’établissement correctionnel assure le suivi de la vaccination des enfants qui se trouvent dans l’établissement correctionnel dont il assure la direction et vérifie si l’enfant bénéficie des programmes de santé prévus pour les enfants de son âge par les organes concernés.</p>

<p>(3) Ubuyobozi bw'igororero bufite inshingano yo gushyira abana, abagore batwite n'abonsa mu bwisungane mu kwivuza ndetse no gukurikirana buri gihe ko ubuvuzi bukwiye bugera ku babukeneye.</p>	<p>(3) The correctional facility management has the duty to enrol children, pregnant women and breastfeeding women in community-based health insurance scheme and ensure at all times that appropriate medical care is available to those in need of it.</p>	<p>(3) La direction de l'établissement correctionnel a l'obligation d'affilier les enfants, les femmes enceintes et les femmes allaitantes à la mutuelle de santé et de s'assurer, à tout moment, que les soins médicaux appropriés sont disponibles à ceux qui en ont besoin.</p>
<p><u>Ingingo ya 20: Uburere buhabwa umwana</u></p> <p>Umwana uri kumwe na nyina mu igororero ahabwa uburere bujyanye n'imyaka ye, bumwe n'ubuhabwa abana bangana na we bari hanze y'igororero kandi bumutegurira kuba mu buzima bwo hanze y'igororero.</p>	<p><u>Article 20: Education given to the child</u></p> <p>A child living with her mother in a correctional facility receives education proportionate to his or her age and that is similar to that given to children of his or her age outside the correctional facility setting and preparing him or her for future life outside the correctional facility.</p>	<p><u>Article 20 : Éducation donnée à l'enfant</u></p> <p>Un enfant vivant avec sa mère dans un établissement correctionnel bénéficie de l'éducation proportionnelle à son âge, similaire à celle donnée aux enfants de son âge hors de l'établissement correctionnel et le préparant à la vie future hors de l'établissement correctionnel.</p>
<p><u>Ingingo ya 21: Gutegurira umwana kuba mu buzima bwo hanze y'igororero</u></p> <p>(1) Ubuyobozi bw'igororero bworohereza umwana gusohorwa mu igororero kugira ngo amenyerane n'abo mu muryango we ariko bigakorwa ari uko nyina w'umwana abanje kubyemera.</p> <p>(2) Umuyobozi w'urwego rushinzwe serivisi z'igorora ashiraho ibigomba gukurikizwa kugira ngo umwana ajyanwe hanze y'igororero n'utari</p>	<p><u>Article 21: Preparing the child for life outside the correctional facility</u></p> <p>(1) The correctional facility management facilitates the child to be taken out of the correctional facility in order to get familiar with other family members upon consent of the child's mother.</p> <p>(2) The head of the organ in charge of correctional services sets the conditions required for a child to be taken out of the correctional facility by</p>	<p><u>Article 21 : Préparation de l'enfant à la vie hors de l'établissement correctionnel</u></p> <p>(1) La direction de l'établissement correctionnel aide à faire sortir l'enfant de l'établissement correctionnel afin de se familiariser avec d'autres membres de sa famille mais avec le consentement de la mère de l'enfant.</p> <p>(2) Le dirigeant de l'organe chargé des services correctionnels fixe les conditions requises pour qu'un enfant soit sorti de l'établissement</p>

<p>nyina ndetse akanagena ibyandikwa mu gitabo cyandikwamo amazina y'umwana ujyanywe hanze y'igororero n'amazina y'umuujyanye n'igihe azagarukira.</p> <p><u>Ingingo ya 22: Gushyira umwana mu wundi muryango arererwamo</u></p> <p>Iyo umwana amaze kuzuzwa imyaka itatu y'amavuko kandi igihano nyina yakatiwe kitararangira, ubuyobozi bw'igororero bumusubiza mu muryango we. Iyo nta muryango umwana afite, ubuyobozi bw'igororero bubimenyeshya mu nyandiko Urwego kugira ngo rumushakire undi muryango arererwamo. Ni na ko bikorwa ku mwana utarageze ku myaka itatu iyo hari indwara yanduza iri mu igororero mu gihe byarinda umwana kwandura.</p> <p><u>UMUTWE WA IV: UBURYO BWO GUSHYIRA UMWANA MU MURYANGO ARERERWAMO BY'AGATEGANYO</u></p>	<p>a person other than the child's mother and determines details entered in the register in which names of the child taken out of correctional facility, those of the person taking the child with him or her and the time of the child's return.</p> <p><u>Article 22: Placement of a child in a foster family</u></p> <p>If a child turns three years before his or her mother completes her sentence, he or she is taken back into his or her family by the correctional facility management. If the child has no family, the correctional facility management informs, in writing, the Organ, which places the child in a foster family. The same applies to a child below the age of three years when a contagious disease is detected in the correctional facility in the event that such a measure prevents the child from contamination.</p> <p><u>CHAPTER IV: MODALITIES FOR TEMPORARY PLACEMENT OF A CHILD IN A FOSTER FAMILY</u></p>	<p>correctionnel par une personne autre que sa mère et détermine les détails à inscrire au registre dans lequel sont inscrits les noms de l'enfant sorti de l'établissement correctionnel, ceux de la personne qui l'emmène et le temps de retour de l'enfant.</p> <p><u>Article 22 : Placement d'un enfant dans une famille d'accueil</u></p> <p>Lorsqu'un enfant atteint l'âge de trois ans avant que sa mère n'ait purgé sa peine, il est remis à sa famille par la direction de l'établissement correctionnel. Si l'enfant n'a pas de famille, la direction de l'établissement correctionnel en informe, par écrit, l'Organe, qui le place dans une famille d'accueil. Il en est de même pour un enfant de moins de trois ans lorsqu'une maladie contagieuse a été constatée dans l'établissement correctionnel au cas où cela protégerait l'enfant contre la contamination.</p> <p><u>CHAPITRE IV : MODALITÉS DE PLACEMENT TEMPORAIRE D'UN ENFANT DANS UNE FAMILLE D'ACCUEIL</u></p>
--	---	---

<p><u>Ingingo ya 23: Abana bashobora gushyirwa mu miryango barererwamo</u></p> <p>Abana bashobora gushyirwa mu miryango barererwamo ni abana bari muri kimwe mu byiciro bikurikira:</p> <p>(a) abana bafite ababyeyi bambuwe ububasha bwa kibyeyi kandi hakaba nta wundi muntu wo mu murungu wabonetse wo guhita abakira mu murungu;</p> <p>(b) abana batereranywe cyangwa bajugunywe n’abababyaye;</p> <p>(c) abana batagishoboye kwitabwaho n’ababyeyi babo;</p> <p>(d) ibindi byiciro by’abana biteganywa n’itegeko rirengera umwana n’andi mategeko.</p>	<p><u>Article 23: Children subject to placement in foster families</u></p> <p>Children subject to placement in foster families are children falling into one of the following categories:</p> <p>(a) children whose parents have been deprived of parental authority and have no other family member to immediately provide foster care;</p> <p>(b) children neglected or abandoned by their biological parents;</p> <p>(c) children whose parents are no longer able to support them;</p> <p>(d) other categories of children provided for by the law on the protection of the child and other laws.</p>	<p><u>Article 23 : Enfants qui font l’objet de placement dans des familles d’accueil</u></p> <p>Les enfants qui font l’objet de placement dans des familles d’accueil sont des enfants qui rentrent dans l’une des catégories suivantes :</p> <p>(a) les enfants dont les parents ont été déchés de l’autorité parentale et qui n’ont aucun autre membre de famille pour assurer leur accueil immédiat ;</p> <p>(b) les enfants négligés ou abandonnés par leurs parents biologiques ;</p> <p>(c) les enfants dont les parents ne sont plus capables de les prendre en charge ;</p> <p>(d) les autres catégories d’enfants prévues par la loi portant protection de l’enfant et les autres lois.</p>
<p><u>Ingingo ya 24: Iby’ibanze bikorerwa umwana ubonetse watawe cyangwa watereranywe</u></p> <p>Umuntu ubonye umwana watawe cyangwa watereranywe abimenyeshya ubuyobozi bw’Umurenge na bwo bugakora ibi bikurikira:</p>	<p><u>Article 24: Basic actions taken in case of an abandoned or neglected child that is found</u></p> <p>A person who finds an abandoned or neglected child informs Sector authorities which, in turn, do the following:</p>	<p><u>Article 24 : Dispositions de base prises en cas d’un enfant abandonné ou négligé trouvé</u></p> <p>Une personne qui trouve un enfant abandonné ou négligé en informe les autorités de Secteur qui, à leur tour, font ce qui suit :</p>

<p>(a) kujyana umwana ku kigo cy'ubuvuzi kugira ngo harebwe niba nta kibazo cy'ubuzima afite;</p> <p>(b) gukora inyandikomvugo y'itoragurwa ry'umwana. Iyo nyandikomvugo ishyirwaho umukono n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge ikanagaragaza umwirondoro w'umwana, ikigereranyo cy'ikigero agezemo, igihe yabonekeye, uko umwana amerewe n'andi makuru yose yafasha mu gushakisha inkomoko y'umwana;</p> <p>(c) kubimenyesha ibiro by'ubugenzacyaha bibwegereye;</p> <p>(d) guhuza umwana n'abagize umuryango we iyo babonetse kandi bemera kumwakira mu muryango;</p> <p>(e) gushaka umuryango witeguye kumurera by'agateganyo.</p>	<p>(a) to take the child to a health facility to check whether he or she does not have any health problem;</p> <p>(b) to draw up a statement on the finding of the child. This statement is signed by the Sector Executive Secretary and specifies the child's identity, estimated age, the time and date when the child is found, the situation in which the child is found and any other information that may assist in identifying the child's origin;</p> <p>(c) to inform the nearest bureau of the organ in charge of investigation;</p> <p>(d) to reunite the child with his or her family members if they are identified and willing to take him or her into their family;</p> <p>(e) to look for a family willing to provide temporary foster care to the child.</p>	<p>(a) emmener l'enfant dans un établissement de santé pour vérifier s'il n'a pas de problème de santé ;</p> <p>(b) dresser un procès-verbal de trouvaille de l'enfant. Le procès-verbal est signé par le Secrétaire Exécutif de Secteur et précise l'identité de l'enfant, son âge approximatif, l'heure et la date de trouvaille, la situation dans laquelle se trouve l'enfant et tout autre renseignement pouvant aider à identifier l'origine de l'enfant ;</p> <p>(c) en informer le bureau le plus proche de l'organe chargé d'enquête ;</p> <p>(d) réunir l'enfant avec les membres de sa famille si ces derniers sont identifiés et acceptent de l'accueillir dans leur famille ;</p> <p>(e) chercher une famille qui est prête à assurer son accueil temporaire.</p>
<p><u>Ingingo ya 25: Gushakisha amakuru</u></p> <p>(1) icyemezo cyo gushyira umwana mu muryango arererwamo by'agateganyo kigomba</p>	<p><u>Article 25: Search for information</u></p> <p>(1) The decision of temporary placement of a child in a foster family can only be made after searching for information</p>	<p><u>Article 25 : Recherche des informations</u></p> <p>(1) La décision de placement temporaire d'un enfant dans une famille d'accueil ne peut être prise qu'après la recherche</p>

<p>kubanzirizwa no gushakisha amakuru ku byerekeye uwo mwana, hagamijwe kumenya inkomoko ye, n'imiterere n'imibereho by'umuryango we.</p> <p>(2) Amakuru avugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo ashakishwa no ku babyeyi bifuza kwakira uwo mwana kugira ngo harebwe niba bafite ubushobozi bwo kumurera neza ku buryo uburenganzira bwe buzubahirizwa.</p> <p><u>Ingingo ya 26: Umuyobozi ufite inshingano zo gushakisha amakuru</u></p> <p>Inshingano yo gushakisha amakuru ku muryango w'umwana no ku muryango ugiye kwakira umwana by'agateganyo ifitwe n'ubuyobozi bw'Umurenge.</p> <p><u>Ingingo ya 27: Ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe kwakira umwana mu muryango by'agateganyo</u></p> <p>Umuntu wifuza kwakira umwana mu muryango by'agateganyo agomba kuba yujuje ibi bikurikira:</p> <p>(a) kuba afite nibura imyaka 21 y'amavuko;</p>	<p>on the child to identify the child's origin and determine the structure and the living conditions of his or her family.</p> <p>(2) The search for such information also applies to prospective foster parents to ensure that they can afford to ensure proper maintenance of the child for the respect for the child's rights.</p> <p><u>Article 26: Authority responsible for searching for information</u></p> <p>The responsibility for searching for information on the child's family and the prospective foster family is vested with the Sector authorities.</p> <p><u>Article 27: Requirements for authorisation to temporarily take a foster child into one's family</u></p> <p>A person who intends to temporarily take a foster child into his or her family must meet the following requirements:</p> <p>(a) to be at least 21 years old;</p>	<p>des informations sur l'enfant pour identifier son origine et déterminer la structure et les conditions de vie de sa famille.</p> <p>(2) La recherche de telles informations s'applique également aux futurs parents d'accueil pour s'assurer qu'ils ont les moyens leur permettant de pourvoir au bon entretien de l'enfant en vue du respect des droits de cet enfant.</p> <p><u>Article 26 : Autorité chargée de la recherche des informations</u></p> <p>La responsabilité de recherche des informations sur la famille de l'enfant et sur la future famille d'accueil incombe aux autorités de Secteur.</p> <p><u>Article 27 : Conditions pour l'autorisation de l'accueil temporaire d'un enfant dans une famille</u></p> <p>Une personne qui désire accueillir temporairement un enfant dans sa famille doit remplir les conditions suivantes :</p> <p>(a) être âgée d'au moins 21 ans révolus;</p>
--	--	--

<p>(b) kuba afite ubushobozi buhagije bwo kwita ku bagize umuryango we;</p> <p>(c) kuba afashe icyemezo cyo kwakira umwana mu muryango nta kindi gihembo cyangwa inyungu ze bwite ategereje;</p> <p>(d) kuba atarahanishijwe kwamburwa uburenganzira umuntu afite mu Gihugu;</p> <p>(e) kuba atarambuwe ububasha bwa kibyeyi;</p> <p>(f) kuba atarahamijwe ibyaha bikorerwa abana;</p> <p>(g) kuba atarahamijwe icyaha cya jenocide cyangwa icy'ingengabitekerezo ya jenocide n'ibindi byaha bifitanye isano na yo mu rubanza rwabayeye ndakuka.</p>	<p>(b) to have sufficient means to take care of his or her family members;</p> <p>(c) to decide to take a foster child into one's family without expecting anything in return for his or her own interests;</p> <p>(d) not to have been deprived of his or her civic rights as a result of a sentence;</p> <p>(e) not to have been deprived of parental authority;</p> <p>(f) not to have been convicted for offences against children;</p> <p>(g) not to have been convicted of the crime of genocide or the crime of genocide ideology and other related offences in judgement rendered in the last instance.</p>	<p>(b) disposer des moyens suffisants pour assurer la prise en charge des membres de sa famille ;</p> <p>(c) décider d'accueillir l'enfant dans sa famille sans rien attendre en retour ni ses intérêts personnels ;</p> <p>(d) ne pas avoir été frappée d'une peine de dégradation civique ;</p> <p>(e) ne pas avoir été déchu de l'autorité parentale ;</p> <p>(f) ne pas avoir été reconnue coupable pour infractions commises contre les enfants ;</p> <p>(g) ne pas avoir été reconnue coupable de crime de génocide ou de crime d'idéologie du génocide et autres infractions connexes dans un jugement rendu en dernier ressort.</p>
<p><u>Ingingo ya 28:</u> Urutonde rw'ababyeyi bifuza kwakira abana</p> <p>Ubuyobozi bw'Umurenge bukora urutonde rw'ababyeyi bifuza kwakira abana, bukarushyikiriza ubuyobozi bw'Akarere.</p>	<p><u>Article 28:</u> List of parents who are candidates to receive children</p> <p>Sector authorities draw up a list of parents who are candidates to provide foster care to children and the list is submitted to the District</p>	<p><u>Article 28 :</u> Liste des parents candidats pour recevoir les enfants</p> <p>Les autorités de Secteur élaborent une liste des parents candidats à l'accueil des enfants et la liste est transmise aux autorités de District. Les</p>

<p>Ubuyobozi bw'Akarere bushyikiriza Urwego urwo rutonde buri gihembwe.</p> <p><u>Ingingo ya 29:</u> Guha umwana uruhare mu ifatwa ry'icyemezo cyo kumushyira mu muryango ugiye kumurera</p> <p>Umwana agira uruhare mu ifatwa ry'icyemezo cyo kumushyira mu muryango ugiye kumurera, hakurikijwe imyaka n'ubumenyi bye.</p> <p><u>Ingingo ya 30:</u> Gutambamira icyemezo cyo gushyira umwana mu muryango</p> <p>(1) Umuntu umenye ko hafashwe icyemezo cyo gushyira umwana mu muryango ashobora, mu nyungu z'umwana, kugaragariza ubuyobozi bw'Akarere impamvu zatuma umwana atakirwa muri uwo muryango. Iyo ubuyobozi bw'Akarere nta cyo bubikozeho mu gihe cy'iminsi 30 uhereye igihe bubimenyeye, uwo muntu ashobora kugeza ikibazo cy'uwo mwana ku Rwego.</p> <p>(2) Iyo basanze impamvu z'itambamira zifite ishingiro, icyemezo cyemera</p>	<p>authorities. District authorities submit to the Organ the list every quarter.</p> <p><u>Article 29:</u> Involvement of the child in decision-making process for his or her placement in a foster family</p> <p>A child, depending on his or her age and intellectual capacity, is involved in the decision-making process for his or her placement in a foster family.</p> <p><u>Article 30:</u> Objecting to a decision to place a child in a foster family</p> <p>(1) A person who becomes aware of a decision to place a child in a foster family may, in the interest of the child, prove to the District authorities the grounds for which the child should not be placed in that family. If 30 days from the reception of information have elapsed without any action by the District authorities, the interested person may refer the case to Organ.</p> <p>(2) When the grounds for the objection are founded, the foster care approval is</p>	<p>autorités de District transmettent cette liste à l'Organe chaque trimestre.</p> <p><u>Article 29 :</u> Implication de l'enfant dans la prise de décision de son placement dans une famille d'accueil</p> <p>Un enfant est impliqué dans le processus de prise de décision de son placement dans une famille d'accueil, et ce en fonction de son âge et de sa capacité intellectuelle.</p> <p><u>Article 30 :</u> Objection à la décision de placement d'un enfant dans une famille d'accueil</p> <p>(1) Une personne qui prend connaissance de la prise de décision de placement d'un enfant dans une famille d'accueil peut, dans l'intérêt de l'enfant, prouver auprès des autorités de District les motifs pour lesquels l'enfant ne devrait pas être placé dans cette famille. Si un délai de 30 jours à compter de la réception de l'information expire sans suite de la part des autorités de District, la personne intéressée peut saisir l'Organe.</p> <p>(2) Lorsque les motifs justifiant l'objection sont fondés, l'accord d'accueil est</p>
--	---	--

<p>gushyira umwana mu muryango giteshwa agaciro kugira ngo umwana ashakirwe undi muryango umwakira.</p> <p><u>Ingingo ya 31: Amasezerano yo kwakira umwana</u></p> <p>(1) Umuryango wakiriye umwana ugirana amasezerano awemerera kwakira uwo mwana n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge w'aho uwo muryango utuye. Umukozi ufite kurengera umwana ku rwego rw'Akarere mu nshingano aba umuhamywa w'ayo masezerano.</p> <p>(2) Amasezerano avugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo agira agaciro mu gihe cy'amezi atandatu uherye igihe ashyiriweho umukono, kandi ashobora kongerwa mu gihe hagishakishwa ababyeyi be, umwishingizi cyangwa undi muntu ushinze kumurera, abo mu muryango we cyangwa undi muryango ushobora kumurera mu buryo bwemewe n'amategeko. Imiterere y'ayo masezerano n'ibiyakubiyemo bigenwa n'Urwego.</p>	<p>revoked in order to look for another foster family.</p> <p><u>Article 31: Foster care agreement</u></p> <p>(1) A foster family concludes a foster care agreement with the Executive Secretary of Sector of the place of residence of that family. The staff in charge of child protection at District level witnesses the agreement.</p> <p>(2) The agreement referred to in Paragraph (1) of this Article is valid for six months from its signature and may be renewed while continuing the search for the child's parents, a guardian or any other person with the duty to cater for him or her, members of his or her family or any other family that can legally assume his or her care. The form and content of the foster care agreement are determined by the Organ.</p>	<p>révoqué en vue de chercher une autre famille d'accueil.</p> <p><u>Article 31 : Accord d'accueil d'un enfant</u></p> <p>(1) Une famille d'accueil conclut un accord d'accueil d'un enfant avec le Secrétaire Exécutif de Secteur du lieu de résidence de cette famille. L'agent ayant la protection de l'enfance dans ses attributions au niveau du District est témoin de cet accord.</p> <p>(2) L'accord visé au paragraphe (1) du présent article a une durée de validité de six mois à partir de sa signature et peut être renouvelé pendant que se poursuit la recherche de ses parents, d'un tuteur ou d'une autre personne qui a le devoir d'assurer le bien-être de l'enfant, des membres de sa famille ou d'une autre famille pouvant assurer légalement sa prise en charge. La forme et le contenu de cet accord sont déterminés par l'Organe.</p>
--	--	---

<p><u>Ingingo ya 32: Ububasha bwa kibyezi</u></p> <p>Umuryango wakiriye umwana, mu gihe ukimurera, umugiraho ububasha bwa kibyezi ariko bitanyuranyije n'amategeko n'uburenganzira bw'umwana.</p> <p><u>Ingingo ya 33: Kwita ku mwana</u></p> <p>Umuryango wakiriye umwana ugomba kubahiriza uburenganzira bw'ibanze n'ubwisanzure bw'umwana no kumuha ibyangombwa nkenerwa kugira ngo agire ubuzima bwiza n'imibereho myiza harimo kumuha indyo yuzuye, imyambaro, uburezi, ubuvuzi n'ubundi burenganzira yemererwa n'amategeko.</p> <p><u>Ingingo ya 34: Abayobozi bashinzwe gukora igenzura</u></p> <p>Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge cyangwa umuhagarariye agenzura uko abana barerera mu miryango yabakiriye by'agateganyo babayeho. Abakozi b'urwego rwa Leta bireba na bo bashobora gusura abana bakiriwe mu muryango by'agateganyo mu rwego rwo kureba uko babayeho.</p>	<p><u>Article 32: Parental authority</u></p> <p>A foster family exercises parental authority over the child under its custody subject to respect of the laws and the child's rights.</p> <p><u>Article 33: Maintenance of a child</u></p> <p>The child's foster family must respect the child's fundamental rights and freedoms and cater for the needs necessary for him or her good health and well-being, including providing him or her with a balanced diet, clothing, education, medical care and his or her other legal rights.</p> <p><u>Article 34: Authorities responsible for supervision</u></p> <p>The Sector Executive Secretary or his or her representative is responsible for the supervision of the living conditions of the children temporarily placed in foster families. Staff members of the relevant government organ can also visit children temporarily placed in a foster family to check their living conditions.</p>	<p><u>Article 32 : Autorité parentale</u></p> <p>La famille d'accueil exerce l'autorité parentale sur l'enfant sous sa garde, dans le respect des lois et des droits de l'enfant.</p> <p><u>Article 33 : Soins d'un enfant</u></p> <p>La famille d'accueil d'un enfant doit respecter les droits fondamentaux et les libertés de l'enfant et satisfaire les besoins nécessaires pour son bon état de santé et son bien-être, notamment en lui procurant une alimentation équilibrée, l'habillement, l'éducation, les soins médicaux et les autres droits qui lui sont reconnus par la loi.</p> <p><u>Article 34 : Autorités chargées de contrôle</u></p> <p>Le Secrétaire Exécutif de Secteur ou son représentant est chargé du contrôle de conditions de vie des enfants temporairement placés dans des familles d'accueil. Les agents de l'organe concerné de l'État peuvent eux aussi rendre visite aux enfants temporairement placés dans une famille d'accueil pour vérifier leurs conditions de vie.</p>
---	--	---

<p><u>Ingingo ya 35: Raporo ku mibereho y'abana barererwa mu miryango yabakiriye by'agateganyo</u></p> <p>(1) Ubuyobozi bw'Umurenge bukora raporo y'imibereho y'abana barererwa mu miryango yabakiriye by'agateganyo bukayohereza ubuyobozi bw'Akarere nibura rimwe mu gihembwe.</p> <p>(2) Umuyobozi w'Akarere yohereza Urwego raporo ivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo agaha kopi Minisiteri ifite umwana mu nshingano.</p>	<p><u>Article 35: Report on the living conditions of children temporarily placed in foster families</u></p> <p>(1) Sector authorities prepare a report on the living conditions of children temporarily placed in foster families and submit it to District authorities, at least once a quarter.</p> <p>(2) The District Mayor submits to the Organ the report referred to in Paragraph (1) of this Article and provides a copy thereof to the Ministry in charge of child.</p>	<p><u>Article 35 : Rapport sur les conditions de vie des enfants temporairement placés dans des familles d'accueil</u></p> <p>(1) Les autorités de Secteur dressent un rapport sur les conditions de vie des enfants temporairement placés dans des familles d'accueil et le transmettent aux autorités de District, et ce, au moins une fois par trimestre.</p> <p>(2) Le Maire de District transmet à l'Organe le rapport visé au paragraphe (1) du présent article et donne copie au Ministère ayant l'enfant dans ses attributions.</p>
<p><u>Ingingo ya 36: Irangira ryo kurererwa mu muryango</u></p> <p>Kurerera umwana mu muryango wamwakiriye birangira kubera imwe mu mpamvu zikurikira:</p> <p>(a) umwana ahujwe n'abamubyaye;</p> <p>(b) umwana abonye umwishingizi cyangwa umubera umubyeyi ataramubyaye;</p> <p>(c) umwana ageze ku myaka y'ubukure</p>	<p><u>Article 36: Cessation of placement in a foster family</u></p> <p>The placement of the child in a foster family ceases for one of the following grounds:</p> <p>(a) reunification of the child with his or her biological parents;</p> <p>(b) placement of the child under guardianship or adoption;</p> <p>(c) legal majority or emancipation of the</p>	<p><u>Article 36 : Cessation du placement dans une famille d'accueil</u></p> <p>Le placement de l'enfant dans une famille d'accueil prend fin dans l'un des cas suivants :</p> <p>(a) la réunification de l'enfant avec ses parents biologiques ;</p> <p>(b) la mise sous tutelle ou adoption de l'enfant ;</p> <p>(c) la majorité légale ou émancipation de</p>

<p>iteganywa n'amategeko cyangwa yemerewe ubukure mu buryo buteganywa n'amategeko;</p> <p>(d) umubyeyi wamwakiriye atagishoboye kuzuza inshingano za kibyezi;</p> <p>(e) ababyeyi bamwakiriye bamutaye cyangwa mu gihe byagaragaye ko bamukoresha mu gushaka inyungu zabo bwite;</p> <p>(f) umwana wakiriwe mu muryango apfuye;</p> <p>(g) ababyeyi bakiriye umwana bapfuye;</p> <p>(h) indi mpamvu ibuza umuryango gukomeza kurera umwana wakiriye.</p>	<p>child obtained in accordance with the law;</p> <p>(d) the parent of the foster family is no longer able to assume parental responsibility for the child;</p> <p>(e) abandonment of the child by foster parents or exploitation of the child by foster parents for their own interests;</p> <p>(f) death of the child placed in a foster family;</p> <p>(g) death of the foster parents;</p> <p>(h) any other reason that leads the family not to continue fostering the child.</p>	<p>l'enfant obtenue conformément à la loi ;</p> <p>(d) le fait par le parent de la famille d'accueil de ne plus être capable d'assumer l'obligation parentale pour l'enfant ;</p> <p>(e) l'abandon de l'enfant par les parents de la famille d'accueil ou l'exploitation de l'enfant par ces parents de la famille d'accueil pour leurs intérêts ;</p> <p>(f) le décès de l'enfant placé dans une famille d'accueil ;</p> <p>(g) le décès des parents de la famille d'accueil ;</p> <p>(h) tout autre motif conduisant la famille à ne pas continuer à accueillir l'enfant.</p>
<p><u>UMUTWE WA V: ISHYIRWAHO RY'IKIGO CYITA KU MIBEREHO MYIZA</u></p>	<p><u>CHAPTER V: CREATION OF A SOCIAL WELL-BEING INSTITUTION</u></p>	<p><u>CHAPITRE V : CRÉATION D'UN ÉTABLISSEMENT SOCIAL PUBLIC</u></p>
<p><u>Icyiciro cya mbere: Ibisabwa kugira ngo hashyirweho ikigo cyita ku mibereho myiza</u></p>	<p><u>Section One: Requirements for creation of a social well-being institution</u></p>	<p><u>Section première : Conditions pour créer un établissement social public</u></p>

<p><u>Ingingo va 37:</u> Abemerewe gushyiraho ikigo cyita ku mibereho myiza</p> <p>Ikigo cyita ku mibereho myiza gishyirwaho n’umuntu ku giti cye cyangwa umuryango utari uwa Leta bamaze kubiharerwa uburenganzira n’Urwego.</p> <p><u>Ingingo va 38:</u> Ibisabwa ushaka gushyiraho ikigo cyita ku mibereho myiza</p> <p>Umuntu ku giti cye cyangwa umuryango utari uwa Leta bisaba gushyiraho ikigo cyita ku mibereho myiza bigomba gutanga inyandiko zikurikira:</p> <p>(a) inyigo igaragaza ibisobanuro birambuye by’umushinga;</p> <p>(b) n’icyemezo kimwemerera gukorera mu Rwanda, iyo ari umuntu w’umunyamahanga umuryango utari uwa Leta.</p> <p><u>Ingingo va 39:</u> Ibisabwa ku nyubako z’ikigo cyita ku mibereho myiza</p> <p>Inyubako z’ikigo cyita ku mibereho myiza zigomba kuba zujuje ibisabwa bikurikira:</p> <p>(a) kuba zubahirije ibiteganywa</p>	<p><u>Article 37:</u> Eligible persons for creating a social well-being institution</p> <p>A social well-being institution is created by an individual or a non-governmental organisation after obtaining authorisation from the Organ.</p> <p><u>Article 38:</u> Requirements for a person wishing to create a social well-being institution</p> <p>An individual or a non-governmental organisation applying for authorisation to create a social well-being institution must present the following documents:</p> <p>(a) a certificate authorising them to operate in Rwanda;</p> <p>(b) a study that includes a detailed project description.</p> <p><u>Article 39:</u> Requirements for premises of a social well-being institution</p> <p>Premises of a social well-being institution must meet the following requirements:</p> <p>(a) to comply with the laws and</p>	<p><u>Article 37 :</u> Personnes éligibles pour créer un établissement social public</p> <p>Un établissement social public est créé par un individu ou une organisation non-gouvernementale après avoir obtenu l’autorisation de l’Organe.</p> <p><u>Article 38 :</u> Conditions pour une personne qui désire créer un établissement social public</p> <p>Un individu ou une organisation non-gouvernementale qui demandent l’autorisation de créer un établissement social public doivent présenter les documents suivants :</p> <p>(a) un certificat lui autorisant de mener ses activités au Rwanda ;</p> <p>(b) une étude qui contient une description détaillée du projet.</p> <p><u>Article 39 :</u> Conditions pour les bâtiments d’un établissement social public</p> <p>Les bâtiments d’un établissement social public doivent remplir les conditions suivantes :</p> <p>(a) être conformes aux lois et règlements</p>
---	---	--

Official Gazette n° Special of 17/01/2023

<p>n'amategeko n'amabwiriza yerekeranye n'imyubakire y'amazu;</p> <p>(b) korohereza abafite ubumuga kuzigeramo no kuzikoresha;</p> <p>(c) kugira imiyoboro izana amazi meza n'itwara amazi yakoreshejwe yubahiriza ibipimo ngenderwaho mu buzima kandi ikora neza;</p> <p>(d) kuba zifite amashanyarazi na moteri yifashishwa mu gihe amashanyarazi abuze;</p> <p>(e) kugira ibyumba bihagije byo kwakira umubare w'abana baba mu kigo cyita ku mibereho myiza;</p> <p>(f) kugira ubwiyuhagiriro n'ubwiherero buhagije;</p> <p>(g) kugira ibyumba byo kuryamamo bitandukanye ku bana b'abahungu n'ab'abakobwa;</p> <p>(h) kugira ibyumba abana bariramo birimo ameza, intebe n'ibikoresho byo ku meza bihagije;</p>	<p>regulations governing building construction;</p> <p>(b) to facilitate the access and use by persons with disabilities;</p> <p>(c) to be equipped with water supply and sewage disposal systems that comply with health standards and in good working conditions;</p> <p>(d) to be connected to the electricity supply and have a generator to be used in case of power cuts;</p> <p>(e) to have sufficient rooms to accommodate the number of children residing in the social well-being institution;</p> <p>(f) to have enough bathrooms and toilets;</p> <p>(g) to have separate dormitories for boys and girls;</p> <p>(h) to have dining rooms with sufficient tables, chairs and tableware;</p>	<p>régissant la construction des bâtiments;</p> <p>(b) faciliter l'accès et l'utilisation par les personnes handicapées ;</p> <p>(c) être équipés d'un système d'approvisionnement en eau potable et celui d'évacuation des eaux usées conformes aux normes en matière de santé et en bon état de fonctionnement;</p> <p>(d) être alimentés en électricité et avoir un groupe électrogène servant en cas de rupture d'électricité ;</p> <p>(e) avoir assez de chambres pour accueillir les enfants résidant dans un établissement social public ;</p> <p>(f) avoir assez de salles de bain et de toilettes ;</p> <p>(g) disposer de dortoirs distincts pour les filles et les garçons ;</p> <p>(h) avoir des réfectoires avec assez de tables, chaises et couverts de table ;</p>
---	---	---

<p>(i) kugira ibibuga by'imikino n'ibikoresho by'imyidagaduro;</p> <p>(j) kugira urumuri n'umwuka bihagije;</p> <p>(k) kuba buri mwana afite uburiri bwe wenyine kandi bufite inzitiramibu iteye umuti.</p>	<p>(i) to have playgrounds and leisure equipments;</p> <p>(j) to have enough light and ventilation;</p> <p>(k) to have a separate bed for each child under a treated mosquito bed net.</p>	<p>(i) avoir des terrains de jeux et du matériel de loisir ;</p> <p>(j) avoir assez d'éclairage et d'aération ;</p> <p>(k) avoir un lit individuel pour chaque enfant recouvert d'une toile moustiquaire imprégnée.</p>
<p><u>Ingingo ya 40:</u> Ahashyirwa ikigo cyita ku mibereho myiza</p> <p>Ikigo cyita ku mibereho myiza cyubakwa ahantu hafite umutekano ku bana, hafi ya serivisi z'ibanze zirimo ikigo nderabuzima cyangwa ibitaro, irerero, amashuri y'incuke, amashuri abanza cyangwa ayisumbuye.</p>	<p><u>Article 40:</u> Location of a social well-being institution</p> <p>A social well-being institution is built in a safe place for children, close to basic services, including a health centre or a hospital, children day care centre, a nursery, a primary or secondary school.</p>	<p><u>Article 40</u> : Emplacement d'un établissement social public</p> <p>Un établissement social public est construit dans un endroit sécurisé pour les enfants, à proximité des services de base, y compris un centre de santé ou un hôpital, une crèche, une école maternelle, primaire ou secondaire.</p>
<p><u>Ingingo ya 41:</u> Ibisabwa byerekeranye n'ibidukikije n'isuku</p> <p>(1) Ikigo cyita ku mibereho myiza cyubakwa mu buryo bukurikije amategeko n'amabwiriza agenga ibidukikije n'isuku.</p> <p>(2) By'umwihariko, ikigo cyita ku mibereho myiza kigomba kugira –</p> <p>(a) ibikoresho bihagije byo kubika no gutegura ifunguro;</p>	<p><u>Article 41:</u> Requirements related to environment and hygiene</p> <p>(1) A social well-being institution is built in accordance with laws and regulations related to environment and hygiene.</p> <p>(2) In particular, a social well-being institution must have –</p> <p>(a) sufficient equipment for preservation and preparation of food;</p>	<p><u>Article 41</u> : Conditions relatives à l'environnement et à l'hygiène</p> <p>(1) Un établissement social public est construit conformément aux lois et règlements régissant l'environnement et l'hygiène.</p> <p>(2) En particulier, un établissement social public doit disposer –</p> <p>(a) du matériel suffisant pour la conservation et la préparation des aliments ;</p>

<p>(b) ibikoresho by'isuku bihagije harimo n'ibyorohereza abana bafite ibibazo byihariye;</p> <p>(c) uburyo bwo kwirinda udukoko dukwirakwiza indwara;</p> <p>(d) ahantu bwite buri mwana abika imyambaro n'ibindi bintu bye;</p> <p>(e) ibikoresho bihagije byifashishwa mu kumesa n'ahantu hagenewe kwanika imyambaro;</p> <p>(f) n'ibikoresho byo gushyirwamo imyanda no kuyitwaramo.</p>	<p>(b) sufficient hygiene equipment including those facilitating children with particular problems;</p> <p>(c) means of preventing disease-carrying insects;</p> <p>(d) a private place where each child keeps his or her clothes and other personal belongings;</p> <p>(e) sufficient equipment for laundry and space for drying clothes; and</p> <p>(f) equipment for storage and disposal of waste.</p>	<p>(b) du matériel suffisant d'hygiène y compris celui facilitant les enfants ayant des problèmes particuliers ;</p> <p>(c) de moyens de prévention contre les insectes vecteurs des maladies ;</p> <p>(d) de l'espace privé dans lequel chaque enfant garde ses vêtements et d'autres affaires personnelles ;</p> <p>(e) du matériel suffisant pour la lessive et de l'espace pour le séchage de vêtements ; et</p> <p>(f) du matériel pour le dépôt et l'évacuation des déchets.</p>
<p><u>Iciviro cya 2: Imikorere y'ikigo cyita ku mibereho myiza</u></p>	<p><u>Section 2: Functioning of a social well-being institution</u></p>	<p><u>Section 2 : Fonctionnement d'un établissement social public</u></p>
<p><u>Ingingo ya 42: Gahunda y'ibikorwa</u></p>	<p><u>Article 42: Action plan</u></p>	<p><u>Article 42 : Plan d'action</u></p>
<p>Mu minsi 30 mbere y'uko umwaka w'ingengo y'imari urangira, ubuyobozi bw'ikigo cyita ku mibereho myiza bushyikiriza Akarere gahunda y'ibikorwa by'umwaka w'ingengo y'imari ukurikira, bushingiye kuri gahunda z'Igihugu zo kurengera no kurinda umwana, bugaha kopi Urwego.</p>	<p>Within 30 days before the end of the fiscal year, the management of a social well-being institution submits to the District an action plan for the following fiscal year, based on national programmes for child protection, and provides a copy to the Organ.</p>	<p>Endéans 30 jours avant la fin de l'année fiscale, la direction d'un établissement social public transmet au District un plan d'action de l'année fiscale suivante basé sur les programmes nationaux en matière de protection de l'enfant et donne copie à l'Organe.</p>

<u>Ingingo va 43: Kubika inyandiko</u>	<u>Article 43: Keeping documents</u>	<u>Article 43 : Classement des documents</u>
<p>(1) Ubuyobozi bw'ikigo cyita ku mibereho myiza bubika –</p> <p>(a) igitabo cyandikwamo amakuru yerekeye umwana;</p> <p>(b) kopi y'impapuro zemerera kwakira umwana mu kigo cyita ku mibereho myiza zitangwa n'Urwego;</p> <p>(c) icyemezo cya Polisi cyerekana ko umwana yatawe, iyo gihari;</p> <p>(d) icyemezo cy'urukiko cyambura ububasha bwa kibyezi, iyo gihari;</p> <p>(e) inyandiko zijyanye n'ikibazo cyihariye cy'umwana, iyo gihari;</p> <p>(f) n'indi nyandiko yose irebana n'umwana.</p> <p>(2) Inyandiko ziranga umwana zibikwa n'ikigo cyita ku mibereho myiza. Iyo agiye kukivamo, arazisubizwa cyangwa zigahabwa umuntu ugiye</p>	<p>(1) The management of a social well-being institution keeps –</p> <p>(a) a register in which information on the child is recorded;</p> <p>(b) a copy of the child's admission documents in a social well-being institution issued by the Organ;</p> <p>(c) a Police certificate indicating that the child was abandoned, if any;</p> <p>(d) a court decision depriving parental authority, if any;</p> <p>(e) documents relating to a child's specific problem, if any; and</p> <p>(f) any other document relating to the child.</p> <p>(2) The documents that identify the child are kept by the social well-being institution. When the child leaves the social well-being institution, they are</p>	<p>(1) La direction d'un établissement social public conserve –</p> <p>(a) le registre dans lequel les informations sur l'enfant sont notées ;</p> <p>(b) la copie des documents d'admission de l'enfant dans un établissement social public délivrée par l'Organe ;</p> <p>(c) l'attestation d'abandon de l'enfant délivrée par la Police, s'il y en a ;</p> <p>(d) la décision judiciaire de déchéance de l'autorité parentale, s'il y en a ;</p> <p>(e) les documents relatifs à un problème particulier de l'enfant, s'il y en a ; et</p> <p>(f) tout autre document relatif à l'enfant.</p> <p>(2) Les documents qui identifient l'enfant sont gardés par l'établissement social public. À son départ, les documents lui sont remis ou donnés à la personne qui</p>

<p>kumwitaho.</p> <p><u>Ingingo ya 44: Dosiye bwite y’umwana</u></p> <p>(1) Ikigo cyita ku mibereho myiza kigomba gutunga dosiye bwite y’umwana ikubiyemo amakuru n’inyandiko bireba umwana kuva akinjira mu kigo kugeza igihe agisohokayemo.</p> <p>(2) Dosiye ivugwa mu gika cya (1) cy’iyi ngingo igomba kuba ikubiyemo ibi bikurikira:</p> <p>(a) ifoto y’umwana ifatwa buri mwaka;</p> <p>(b) kopi y’inyandiko y’ivuka, iyo ihari;</p> <p>(c) raporo y’imibereho y’umwana mbere y’uko agera mu kigo cyita ku mibereho myiza;</p> <p>(d) imyemerere n’idini by’umwana;</p> <p>(e) aderesi zuzuye z’ababyeyi b’umwana, benewabo ba hafi cyangwa iz’abo bavukana, iyo bahari;</p>	<p>remitted to the child or to the person who is going to take care of him or her.</p> <p><u>Article 44: Child’s personal file</u></p> <p>(1) A social well-being institution must keep a child’s personal file containing information and documents concerning the child since his or her arrival at the social well-being institution until the time of his or her departure.</p> <p>(2) The file referred to in Paragraph (1) of this Article must contain the following:</p> <p>(a) a photo of the child taken every year;</p> <p>(b) a copy of the birth record, if any;</p> <p>(c) the child’s background report prior to entering the social well-being institution;</p> <p>(d) the child’s beliefs and religion;</p> <p>(e) full addresses of the child’s parents, close relatives or siblings, if any;</p>	<p>va le prendre en charge.</p> <p><u>Article 44 : Dossier personnel d’un enfant</u></p> <p>(1) Un établissement social public doit garder un dossier personnel d’un enfant contenant toutes les informations et documents en rapport avec l’enfant depuis son arrivée à l’établissement social public jusqu’à son départ.</p> <p>(2) Le dossier mentionné au paragraphe (1) du présent article doit contenir ce qui suit :</p> <p>(a) une photo de l’enfant prise chaque année ;</p> <p>(b) une copie de l’acte de naissance, s’il y en a ;</p> <p>(c) le rapport sur le passé de l’enfant avant son entrée à l’établissement social public ;</p> <p>(d) la croyance et conviction religieuse de l’enfant ;</p> <p>(e) les adresses complètes des parents de l’enfant, des proches parents ou de ses frères et sœurs, s’il y en a ;</p>
--	--	---

Official Gazette n° Special of 17/01/2023

<p>(f) aderesi z'ishuri umwana yigaho n'indangamanota;</p> <p>(g) izina, aderesi na nimero ya telefoni by'umukozi ushinzwe imibereho myiza y'abana washinzwe umwana;</p> <p>(h) icyemezo cya muganga cyahawe umwana, iyo gihari;</p> <p>(i) itariki umwana yasuweho, amazina y'abamusuye n'isano bafitanye;</p> <p>(j) izina n'aderesi by'ikigo cy'ubuvuzi umwana avurirwamo iyo arwaye;</p> <p>(k) amakuru arambuye ku nkingo, ku bizamini bya muganga no ku bindi bibazo by'uburwayi umwana yaba afite n'ubuvuzi ahabwa;</p> <p>(l) isuzuma ry'imikurire ryakorewe umwana;</p> <p>(m) amatariki n'impamvu umwana atari mu kigo n'andi makuru</p>	<p>(f) address of the school which the child is attending and the class report;</p> <p>(g) the name, address and telephone number of the professional social worker assigned to the child;</p> <p>(h) the child's medical certificate, if any;</p> <p>(i) dates of visits to the child, names of visitors and their relationships with the child;</p> <p>(j) the name and address of the health facility where the child gets medical care when sick;</p> <p>(k) details of vaccination, medical test of the child and any other medical issues of the child and related treatment;</p> <p>(l) the assessment of the child's growth;</p> <p>(m) the dates and reasons for the child's absence from the institution and</p>	<p>(f) l'adresse de l'école fréquentée par l'enfant et le bulletin scolaire ;</p> <p>(g) le nom, l'adresse et le numéro de téléphone d'un agent social professionnel chargé des soins de l'enfant ;</p> <p>(h) l'attestation médicale de l'enfant, s'il y en a ;</p> <p>(i) les dates de visites à l'enfant, noms des visiteurs et leurs relations avec l'enfant ;</p> <p>(j) le nom et l'adresse de l'établissement de santé auprès duquel l'enfant reçoit les soins médicaux quand il tombe malade ;</p> <p>(k) les détails de vaccination, d'examens médicaux ou de tout autre problème de santé de l'enfant ainsi que les soins y relatifs ;</p> <p>(l) le test de croissance de l'enfant ;</p> <p>(m) les dates et les motifs de toute absence de l'enfant à</p>
--	--	---

<p>arebana n’uko atari ahari.</p> <p><u>Ingingo va 45: Raporo y’ibikorwa</u></p> <p>Ikigo cyita ku mibereho myiza gishyikiriza Akarere raporo y’ibikorwa buri gihembwe kigaha kopi Urwego.</p> <p><u>Iciviro cya 3: Imicungirey’ikigo cyita ku mibereho myiza</u></p> <p><u>Ingingo va 46: Ucuha ikigo cyita ku mibereho myiza</u></p> <p>Imicungire ya buri muni y’ikigo cyita ku mibereho myiza ikorwa n’uwahawe uburenganzira bwo gushinga icyo kigo cyita ku mibereho myiza cyangwa umuyobozi washyizweho na we.</p> <p><u>Ingingo va 47: Imicungire y’umutungo</u></p> <p>Nyir’ikigo cyita ku mibereho myiza agomba kugira imicungire y’umutungo wacyo itandukanye n’imicungire y’umutungo we bwite. By’umwihariko, konti z’ikigo cyita ku mibereho myiza zigomba gutandukana na konti bwite za nyir’ikigo.</p>	<p>any information relating to his or her absence.</p> <p><u>Article 45: Activity report</u></p> <p>A social well-being institution submits quarterly activity report to the District and provides a copy to the Organ.</p> <p><u>Section 3: Management of a social well-being institution</u></p> <p><u>Article 46: Manager of a social well-being institution</u></p> <p>The daily management of a social well-being institution is carried out by the person who was authorised to establish that social well-being institution or a manager appointed by him or her.</p> <p><u>Article 47: Resource management</u></p> <p>The social well-being institution owner must have its resource management separated with his or her own resource management. In particular, the bank accounts of the social well-being institution must be separate from the owner’s personal bank accounts.</p>	<p>l’établissement et toutes les informations relatives à son absence.</p> <p><u>Article 45 : Rapport d’activités</u></p> <p>Un établissement social public transmet un rapport d’activités trimestriel au District et donne copie à l’Organe.</p> <p><u>Section 3 : Gestion d’un établissement social public</u></p> <p><u>Article 46 : Gestionnaire d’un établissement social public</u></p> <p>La gestion quotidienne d’un établissement social public est assurée par la personne qui a été autorisée à mettre en place cet établissement social public ou par un directeur nommé par lui.</p> <p><u>Article 47 : Gestion des ressources</u></p> <p>Le propriétaire d’un établissement social public doit avoir sa gestion des ressources séparée de la gestion de ses propres ressources. En particulier, les comptes bancaires de l’établissement social public doivent être distincts des comptes bancaires personnels du propriétaire.</p>
--	--	--

Ingingo ya 48: Ibyo umuyobozi w'ikigo cyita ku mibereho myiza agomba kuba yujuje	Article 48: Requirements to be fulfilled by a social well-being institution manager	Article 48: Conditions devant être remplies par un directeur de l'établissement social public
<p>(1) Umuyobozi w'ikigo cyita ku mibereho myiza agomba kuba –</p> <p>(a) ari Umunyarwanda;</p> <p>(b) ari inyangamugayo;</p> <p>(c) atarigeze akatirwa mu rubanza rwabaye ndakuka igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu, kitahanaguwe n'ihanagurabusembwa;</p> <p>(d) no kuba afite nibura impamyabumenyi ya <i>Bachelor's Degree</i> mu bijyanye n'ubumenyamuntu cyangwa ibisa na byo.</p> <p>(2) Bitabangamiye ibiteganywa mu gika cya (1)(b), (c) na (d) cy'iyi ingingo, Urwego rushobora kwemerera utari Umunyarwanda kuba umuyobozi w'ikigo cyita ku mibereho myiza.</p>	<p>(1) A social well-being institution manager must –</p> <p>(a) be a Rwandan;</p> <p>(b) be a person of integrity;</p> <p>(c) not have been sentenced to imprisonment for a term equal to or exceeding six months in a judgement rendered in the last instance, for which there has been no judicial rehabilitation; and</p> <p>(d) have at least a Bachelor's Degree in social sciences or related studies.</p> <p>(2) Without prejudice to Paragraph (1)(b), (c) and (d) of this Article, the Organ may allow a non-Rwandan to be a social well-being institution manager.</p>	<p>(1) Un directeur de l'établissement social public doit –</p> <p>(a) être de nationalité rwandaise ;</p> <p>(b) être intègre ;</p> <p>(c) ne pas avoir été condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six mois dans un jugement rendu en dernier ressort, non effacée par une réhabilitation judiciaire ; et</p> <p>(d) être titulaire d'au moins un <i>Bachelor's Degree</i> en sciences sociales ou domaine connexe.</p> <p>(2) Sans préjudice des dispositions du paragraphe (1)(b), (c) et (d) du présent article, l'Organe peut autoriser une personne de nationalité étrangère à être un directeur d'un établissement social public.</p>

<p><u>Ingingo ya 49:</u> Ibyo abakozi b'ikigo cyita ku mibereho myiza bagomba kuba bujuje</p> <p>(1) Buri mukozi w'ikigo cyita ku mibereho myiza agomba kuba ari inyangamugayo kandi afite nibura imyaka 18 y'amavuko. Icyakora, abarezi bagomba kuba bafite nibura imyaka 21 y'amavuko.</p> <p>(2) Haseguriwe ibiteganywa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo –</p> <p>(a) umukozi wo mu rwego rw'ubuyobozi agomba kuba afite nibura impamyabumenyi ya <i>Bachelor's Degree</i>;</p> <p>(b) umurezi agomba kuba afite nibura <i>Advanced General Certificate of Secondary Education</i>, urwego rwa gatanu, mu buvuzi, mu burezi cyangwa mu bumenyi mbonezamubano.</p>	<p><u>Article 49:</u> Requirements for the staff of a social well-being institution</p> <p>(1) Each staff member of a social well-being institution must be a person of integrity to have at least 18 years old. However, caregivers must have at least 21 years old.</p> <p>(2) Subject to provisions of Paragraph (1) of this Article –</p> <p>(a) a staff member at managerial level must have at least a Bachelor's Degree;</p> <p>(b) a caregiver must have at least an Advanced General Certificate of Secondary Education, level five, in health sciences, education or social sciences.</p>	<p><u>Article 49 :</u> Conditions pour le personnel d'un établissement social public</p> <p>(1) Chaque membre du personnel d'un établissement social public doit être intègre être âgé de 18 ans au moins. Toutefois, les assistants maternels doivent être âgés de 21 ans au moins.</p> <p>(2) Sous réserve des dispositions du paragraphe (1) du présent article –</p> <p>(a) un agent au niveau de la direction doit être titulaire d'un diplôme de <i>Bachelor's Degree</i> au moins ;</p> <p>(b) un assistant maternel doit être titulaire d'un <i>Advanced General Certificate of Secondary Education</i>, cinquième niveau, en sciences de la santé, en éducation ou en sciences sociales.</p>
<p><u>Ingingo ya 50:</u> Umubare w'abakozi ku mubare w'abana</p> <p>(1) Ikigo cyita ku mibereho myiza kigomba kugira abarezi bahagije.</p>	<p><u>Article 50:</u> Ratio of staff to children</p> <p>(1) A social well-being institution must have sufficient caregivers.</p>	<p><u>Article 50 :</u> Agents par nombre d'enfants</p> <p>(1) Un établissement social public doit disposer d'un nombre suffisant d'assistants maternels.</p>

<p>(2) Ikigo cyita ku mibereho myiza kigomba kuba gifite nibura abakozi bakurikira bakora amanywa n'ijoro:</p> <p>(a) umukozi umwe ku bana batarenze 30 bari muni y'imyaka itanu;</p> <p>(b) umukozi umwe ku bana batarenze 35 bafite nibura imyaka itanu ariko batarageza ku myaka icumi;</p> <p>(c) umukozi umwe ku bana batarenze 40 bafite nibura imyaka icumi ariko batarageza ku myaka 18;</p> <p>(d) umukozi umwe ushinzwe imibereho myiza ku bana batarenze 40;</p> <p>(e) umukozi umwe ushinzwe gufasha abahuye n'ihungabana ku bana bose bari mu kigo cyita ku mibereho myiza.</p>	<p>(2) A social well-being institution must have at least the following staff on day and night duty:</p> <p>(a) one staff member for a maximum of 30 children under five years old;</p> <p>(b) one staff member for a maximum of 35 children who are at least five years old but less than ten years of age;</p> <p>(c) one staff member for a maximum of 40 children who are at least ten years old but less than 18 years of age;</p> <p>(d) one professional social worker for a maximum of 40 children;</p> <p>(e) one psychiatrist for all children in the social well-being institution.</p>	<p>(2) Un établissement social public doit disposer au moins des agents suivants qui travaillent jour et nuit :</p> <p>(a) un agent pour un maximum de 30 enfants âgés de moins de cinq ans ;</p> <p>(b) un agent pour un maximum de 35 enfants âgés d'au moins cinq ans mais qui n'ont pas encore atteint l'âge de dix ans ;</p> <p>(c) un agent pour un maximum de 40 enfants âgés d'au moins dix ans mais qui n'ont pas encore atteint l'âge de 18 ans ;</p> <p>(d) un agent social professionnel pour un maximum de 40 enfants ;</p> <p>(e) un psychiatre pour tous les enfants qui sont dans l'établissement social public.</p>
<p><u>Iciviro cya 4: Imibereho y'abana mu kigo cyita ku mibereho myiza</u></p> <p><u>Akiciro ka mbere: Kwakira abana mu kigo cyita ku mibereho myiza</u></p>	<p><u>Section 4: Stay of children in a social well-being institution</u></p> <p><u>Subsection One: Admission of children in a social well-being institution</u></p>	<p><u>Section 4 : Séjour des enfants dans un établissement social public</u></p> <p><u>Sous-section première : Admission des enfants dans un établissement social public</u></p>

<p><u>Ingingo ya 51:</u> Ububasha bwo kwakira umwana mu kigo cyita ku mibereho myiza</p> <p>(1) Urwego ni rwo rufite ububasha bwo kwemerera ikigo cyita ku mibereho myiza kwakira umwana, bisabwe n'ubuyobozi bw'Akarere ikigo gihereyemo.</p> <p>(2) Umwana ashirwa mu kigo cyita ku mibereho myiza gihereye mu Karere yabonetsemo. Iyo mu Karere yabonetsemo nta kigo gihari cyangwa nta mwanya uhari, umwana ashirwa mu kigo cyita ku mibereho myiza kiri hafi.</p>	<p><u>Article 51:</u> Competence to admit a child in a social well-being institution</p> <p>(1) The Organ is the competent authority to authorise the social well-being institution to admit a child on the request of the authority of the District in which the social well-being institution is located.</p> <p>(2) A child is placed in a social well-being institution located in the District where he or she is found. In case there is no social well-being institution or a vacant place in the social well-being institution of his or her District, the child is placed in the nearest social well-being institution.</p>	<p><u>Article 51 :</u> Compétence pour l'admission d'un enfant dans un établissement social public</p> <p>(1) L'Organe est l'autorité compétente pour permettre à un établissement social public d'admettre un enfant à la demande de l'autorité de District dans lequel l'établissement social public est situé.</p> <p>(2) Un enfant est placé dans un établissement social public se trouvant dans le District où il a été trouvé. Lorsqu'il n'y a pas d'établissement social public ou une place vacante dans l'établissement social public de son District, l'enfant est placé dans l'établissement social public le plus proche.</p>
<p><u>Ingingo ya 52:</u> Uburyo bwo kwakira umwana mu kigo cyita ku mibereho myiza</p> <p>Umwana wakiriwe mu kigo cyita ku mibereho myiza akorerwa dosiye bwite igaragaza umwirondoro we kandi agasuzumwa na muganga.</p>	<p><u>Article 52:</u> Procedures for admission of a child in a social well-being institution</p> <p>A child admitted in a social well-being institution is subject to a personal file that includes data about his or her identity and undergoes a medical check-up.</p>	<p><u>Article 52 :</u> Procédures d'admission d'un enfant dans un établissement social public</p> <p>Un enfant admis dans un établissement social public fait l'objet d'un dossier personnel qui comprend les données de son identité et subit un examen médical.</p>

<p><u>Ingingo ya 53:</u> Abantu bemerewe kuba mu kigo cyita ku mibereho myiza</p> <p>Nta wundi muntu wemerewe kuba mu kigo cyita ku mibereho myiza uretse abana n'abarezi babo.</p> <p><u>Akicro ka 2:</u> Umutekano n'isuku by'abana mu kigo cyita ku mibereho myiza</p> <p><u>Ingingo ya 54:</u> Kwinjira mu kigo cyita ku mibereho myiza</p> <p>Abashyitsi basaba uruhushya ubuyobozi bw'ikigo mbere yo kwinjira mu kigo cyita ku mibereho myiza, keretse mu gihe ari ukubera inyungu z'umwana kandi byatangiwe uburenganzira n'Urwego.</p> <p><u>Ingingo ya 55:</u> Ubusugire n'umutekano</p> <p>(1) Mu rwego rwo kwita ku busugire n'umutekano, ikigo cyita ku mibereho myiza kigomba –</p> <p>(a) gushyiraho ingamba zihamye z'ubusugire n'umutekano zo kwirinda impanuka zose harimo n'inkongi y'umuriro;</p> <p>(b) kugira ibikoresho by'ubutabazi</p>	<p><u>Article 53:</u> Persons authorised to stay in a social well-being institution</p> <p>No person is authorised to stay in a social well-being institution except children and their caregivers.</p> <p><u>Subsection 2:</u> Security and hygiene of children in a social well-being institution</p> <p><u>Article 54:</u> Entry into a social well-being institution</p> <p>Visitors request for permission from the social well-being institution management before entry into a social well-being institution, except for the child's best interest and under prior authorisation of the Organ.</p> <p><u>Article 55:</u> Safety and security</p> <p>(1) In order to ensure safety and security, a social well-being institution must –</p> <p>(a) put in place appropriate safety and security measures against all risks including fire;</p> <p>(b) have first aid equipment and staff</p>	<p><u>Article 53 :</u> Personnes autorisées à vivre dans un établissement social public</p> <p>Personne n'est autorisée à vivre dans un établissement social public sauf les enfants et leurs assistants maternels.</p> <p><u>Sous-section 2 :</u> Sécurité et hygiène des enfants dans un établissement social public</p> <p><u>Article 54 :</u> Entrée dans un établissement social public</p> <p>Les visiteurs demandent l'autorisation à la direction de l'établissement social public avant d'entrer dans un établissement social public, sauf dans l'intérêt supérieur de l'enfant et sous l'autorisation préalable de l'Organe.</p> <p><u>Article 55 :</u> Sûreté et sécurité</p> <p>(1) Dans le cadre de garantir la sûreté et la sécurité, un établissement social public doit –</p> <p>(a) mettre en place les stratégies pour la sûreté et la sécurité contre tous les risques, y compris le risque d'incendie ;</p> <p>(b) avoir l'équipement pour les</p>
--	--	--

<p>bw'ibanze n'abakozi bahuguwe mu butabazi bw'ibanze;</p> <p>(c) gushyiraho abantu bashinzwe kurinda umutekano w'ikigo cyita ku mibereho myiza;</p> <p>(d) no gushyiraho amabwiriza agamije kurinda abana ihohoterwa, guteshwa agaciro, guhutazwa cyangwa ubundi buryo ubwo ari bwo bwose bwo gufatwa nabi.</p> <p>(2) Mu gihe habayeho kimwe mu bikorwa bivugwa mu gika cya (1)(d) cy'iyi ngingo, ubuyobozi bw'ikigo cyita ku mibereho myiza bugomba guhita bubimenyesha Polisi cyangwa ubuyobozi bw'Umurenge.</p> <p>(3) Mu gihe umwana avuye mu kigo nta ruhushya cyangwa agiye ntagaruke, ubuyobozi bw'ikigo cyita ku mibereho myiza bugomba guhita bubimenyesha Polisi cyangwa ubuyobozi bw'Umurenge.</p>	<p>members trained in first aid;</p> <p>(c) recruit security officers for the social well-being institution; and</p> <p>(d) put in place instructions that aim at protecting children from violence, abuse, dehumanising treatment, or any other kind of mistreatment.</p> <p>(2) In case one of the acts referred to in Paragraph (1)(d) of this Article occurs, the management of the social well-being institution must immediately inform the Police or Sector authorities.</p> <p>(3) In case a child leaves the social well-being institution without permission or leaves and does not return, the management of a social well-being institution must immediately inform the Police or the Sector authorities.</p>	<p>premiers secours et les agents formés à fournir les premiers secours ;</p> <p>(c) recruter des agents chargés de la sécurité de l'établissement social public ; et</p> <p>(d) mettre en place des instructions ayant pour but de protéger les enfants contre la violence, l'abus, la déshumanisation ou toute autre sorte de mauvais traitement.</p> <p>(2) En cas de survenance de l'un des actes mentionnés au paragraphe (1)(d) du présent article, la direction de l'établissement social public doit immédiatement en informer la Police ou les autorités de Secteur.</p> <p>(3) Au cas où un enfant sort de l'établissement social public sans permission ou en sort et n'y retourne pas, la direction de l'établissement social public doit immédiatement en informer la Police ou les autorités de Secteur.</p>
---	---	--

<p><u>Ingingo ya 56: Isuku y’abana</u></p> <p>Abana baba mu kigo cyita ku mibereho myiza bagirirwa isuku ihagije hibandwa cyane cyane ku gusukura aho barara, imyambaro yabo n’ibiryamirwa.</p> <p><u>Akicro ka 3: Uburenganzira bw’abana n’uburere bwabo mu kigo cyita ku mibereho myiza</u></p> <p><u>Ingingo ya 57: Uburenganzira ku busabane n’umuryango n’inshuti</u></p> <p>Ikigo cyita ku mibereho myiza gifasha umwana gusura umuryango we, iyo uhari, na wo ukamusura kandi kikamufasha kuvugana n’abagize umuryango we, inshuti n’abandi bantu bashobora kumufasha.</p> <p><u>Ingingo ya 58: Kubahiriza inyungu z’umwana</u></p> <p>Abana bagira uruhare mu ifatwa ry’ibyemezo ku bibazo birebana n’inyungu zabo hashingiwe ku kigero cy’imyaka bagezemo n’imyumvire yabo. Ibyemezo byose bifatwa n’uburezi butangwa n’ikigo cyita ku mibereho myiza bigomba kuba biri mu nyungu z’ikirenga z’umwana.</p>	<p><u>Article 56: Hygiene of children</u></p> <p>Children living in a social well-being institution are given sufficient hygiene including cleaning dormitories, their clothes and beddings.</p> <p><u>Subsection 3: Rights of children and their education in a social well-being institution</u></p> <p><u>Article 57: Right to socialise with family and friends</u></p> <p>A social well-being institution assists the child to visit and be visited by his or her family if any, and communicate with his or her family members, friends and other persons who can assist him or her.</p> <p><u>Article 58: Respect for a child’s interest</u></p> <p>Children participate in decision-making process on issues relating to their interests and considering their age and level of understanding. All decisions taken and education provided by the social well-being institution must be in the best interests of the child.</p>	<p><u>Article 56 : Hygiène des enfants</u></p> <p>Les enfants vivant dans un établissement social public bénéficient d’hygiène suffisante y compris le nettoyage des dortoirs, de leurs vêtements et de la literie.</p> <p><u>Sous-section 3 : Droits des enfants et leur éducation dans un établissement social public</u></p> <p><u>Article 57 : Droit de socialiser avec la famille et les amis</u></p> <p>Un établissement social public aide l’enfant à rendre visite à sa famille et à recevoir des visites de cette dernière, s’il y en a, et à communiquer avec elle, avec ses amis et avec d’autres personnes qui peuvent l’assister.</p> <p><u>Article 58 : Respect des intérêts de l’enfant</u></p> <p>Les enfants participent dans la prise des décisions en rapport avec leurs intérêts en tenant compte de leur âge et de leur niveau de compréhension. Toutes les décisions prises et l’éducation dispensée par l’établissement social public doivent être dans l’intérêt supérieur de l’enfant.</p>
---	--	---

<p><u>Ingingo ya 59:</u> Kubaha imibereho bwite n’agaciro by’umwana</p> <p>Abarezi bagomba kubaha imibereho bwite n’agaciro by’abana igihe cyose bakora inshingano zabo.</p> <p><u>Ingingo ya 60:</u> Inshingano za kibyeyi</p> <p>Ubuyobozi bw’ikigo cyita ku mibereho myiza, mu izina rya Leta, bufite inshingano zakibyeyi ku bana mu gihe cyose bari mu kigo cyita ku mibereho myiza.</p> <p><u>Ingingo ya 61:</u> Ibiribwa n’imirire</p> <p>Ubuyobozi bw’ikigo cyita ku mibereho myiza buha abana bakibamo –</p> <p>(a) ifunguro riboneye, riteguwe neza kandi rifite intungamubiri inshuro eshatu ku munsi;</p> <p>(b) amazi meza yo kunywa igihe cyose;</p> <p>(c) n’indyo yihariye igihe bikenewe ku mpamvu z’ubuzima bw’umwana.</p>	<p><u>Article 59:</u> Respect for a child’s privacy and dignity</p> <p>Caregivers must respect children’s privacy and dignity while carrying out their duties.</p> <p><u>Article 60:</u> Parental responsibility</p> <p>The management of a social well-being institution, on behalf of the State, has parental responsibility on children during their stay in the social well-being institution.</p> <p><u>Article 61:</u> Food and nutrition</p> <p>The management of a social well-being institution provides children staying therein –</p> <p>(a) adequate, properly prepared and nutritious meals three times a day;</p> <p>(b) clean drinking water at all times; and</p> <p>(c) special diet if necessary due to the child’s state of health.</p>	<p><u>Article 59 :</u> Respect de la vie privée et de la dignité de l’enfant</p> <p>Les assistants maternels doivent respecter la vie privée et la dignité des enfants lorsqu’ils effectuent leurs attributions.</p> <p><u>Article 60 :</u> Responsabilité parentale</p> <p>La direction d’un établissement social public a la responsabilité parentale, au nom de l’État, envers les enfants tant qu’ils sont dans l’établissement social public.</p> <p><u>Article 61 :</u> Aliments et nutrition</p> <p>La direction d’un établissement social public procure aux enfants qui y sont hébergés –</p> <p>(a) un repas complet, bien préparé et nutritif trois fois par jour ;</p> <p>(b) de l’eau potable à tout moment ; et</p> <p>(c) un régime alimentaire spécial en cas de besoin compte tenu de l’état de santé de l’enfant.</p>
---	---	--

<p><u>Ingingo ya 62: Imyambaro n’ibindi bikoresho</u></p> <p>(1) Ubuyobozi bw’ikigo cyita ku mibereho myiza bugomba guha abana imyambaro n’ibikoresho by’isuku.</p> <p>(2) Nta mwana ugomba gusangira imyambaro cyangwa ibikoresho by’isuku n’undi.</p>	<p><u>Article 62: Clothing and other materials</u></p> <p>(1) The management of a social well-being institution must provide children with clothing and hygienic materials.</p> <p>(2) No child must share clothing or hygienic materials with another.</p>	<p><u>Article 62 : Vêtements et autres matériels</u></p> <p>(1) La direction d’un établissement social public doit fournir aux enfants des vêtements et du matériel hygiénique.</p> <p>(2) Aucun enfant ne doit partager les vêtements ou le matériel hygiénique avec un autre.</p>
<p><u>Ingingo ya 63: Ubuzima bw’abana</u></p> <p>Mu kubungabunga ubuzima bw’abana, ubuyobozi bw’ikigo cyita ku mibereho myiza bukora ku buryo buri mwana –</p> <p>(a) ahabwa inkingo ziteganywa na Minisiteri ifite ubuzima mu nshingano;</p> <p>(b) akorerwa isuzuma rusange na muganga akigera mu kigo kandi akajya arikererwa buri mwaka;</p> <p>(c) afatirwa ubwishingizi bw’indwara kandi akavuzwa neza mu gihe arwaye indwara iyo ari yo yose;</p> <p>(d) kandi agahabwa ubufasha bwihariye n’ibikoresho byakenerwa kubera</p>	<p><u>Article 63: Children’s health</u></p> <p>To preserve the health of children, the management of the social well-being institution ensures that each child –</p> <p>(a) receives vaccines provided for by the Ministry in charge of health;</p> <p>(b) gets a medical check-up upon admission to a social well-being institution and annually;</p> <p>(c) gets benefit from medical insurance and gets medical treatment in case of any sickness; and</p> <p>(d) gets special assistance and equipment needed due to health condition or</p>	<p><u>Article 63 : Santé des enfants</u></p> <p>Pour préserver la santé des enfants, la direction d’un établissement social public veille à ce que chaque enfant –</p> <p>(a) reçoit les vaccins prévus par le Ministère ayant la santé dans ses attributions ;</p> <p>(b) passe un contrôle médical dès son admission à l’établissement social public et chaque année ;</p> <p>(c) bénéficie d’une assurance maladie et est soigné en cas d’une maladie quelconque ; et</p> <p>(d) bénéficie d’une assistance spéciale et d’un équipement nécessaire répondant</p>

<p>ikibazo cy'ubuzima cyangwa ubumuga.</p> <p><u>Ingingo ya 64: Uburezi</u></p> <p>Ubuyobozi bw'ikigo cyita ku mibereho myiza bugomba guteza imbere uburezi bw'abana kandi bukita by'umwihariko kuri ibi bikurikira:</p> <p>(a) kwandikisha abana mu mashuri asanzwe aho bashobora gusabana n'abandi bana bataba mu kigo cyita ku mibereho myiza, usibye abana bashyirwa mu mashuri yihariye kubera imiterere y'ubumuga bafite;</p> <p>(b) gushyira abana mu mashuri ajyanye n'imyaka ndetse n'ubushobozi byabo no kubaha ibikoresho bakeneye, abakiribato bagashyirwa mu mashuri y'incuke n'ibigo mbonezamukurire y'abana bato;</p> <p>(c) gukurikirana imyigire y'umwana no kumufasha gusubira mu masomo yize no gukora imikoro yo mu rugo.</p> <p><u>Iciviro cya 5: Gusubiza abana mu miryango</u></p>	<p>disability.</p> <p><u>Article 64: Education</u></p> <p>The management of a social well-being institution must promote education of children and particularly ensure the following:</p> <p>(a) to enrol children to ordinary schools that allow them to socialise with other children not living in the social well-being institution except for children enrolled into special schools due to their disability conditions;</p> <p>(b) to place children in classes according to their age and capacity and provide them with all the necessary materials and place the young ones in nursery schools and early childhood development centres;</p> <p>(c) to follow up child's education and assist him or her in revising and doing homework.</p> <p><u>Section 5: Reintegration of children into families</u></p>	<p>à son état de santé ou de handicap.</p> <p><u>Article 64 : Éducation</u></p> <p>La direction d'un établissement social public doit promouvoir l'éducation des enfants et plus particulièrement s'assurer de ce qui suit :</p> <p>(a) inscrire les enfants dans les écoles ordinaires leur permettant de socialiser avec d'autres enfants ne vivant pas dans un établissement social public sauf pour les enfants inscrits dans des écoles spéciales à cause de leurs conditions d'handicap ;</p> <p>(b) placer les enfants dans les classes correspondant à leur âge et capacité et leur donner du matériel nécessaire et placer ceux en bas âge dans des écoles maternelles et des centres de développement de la petite enfance ;</p> <p>(c) faire le suivi de l'éducation de l'enfant et l'aider à réviser ses cours et à faire ses devoirs à domicile.</p> <p><u>Section 5 : Réintégration des enfants dans les familles</u></p>
---	---	---

<p><u>Ingingo ya 65: Igihe umwana amara mu kigo cyita ku mibereho myiza</u></p> <p>Ubuyobozi bw'Akarere ku bufatanye n'ubuyobozi bw'ikigo cyita ku mibereho myiza bukora ku buryo umwana ahamara igihe kitarenze amezi atandatu ariko gishobora kongerwa nyuma yo guhabwa uburenganzira n'Urwego.</p> <p><u>Ingingo ya 66: Gahunda zo gushyirwa abana mu miryango</u></p> <p>Urwego rushingiye kuri raporo rushyikirizwa n'Akarere, rutanga uburenganzira ko umwana asubizwa mu miryango we, ashirwa mu wundi miryango umwakira cyangwa aberwa umubyeyi n'undi muntu utaramubayeye.</p> <p><u>Ingingo ya 67: Guha umwana amakuru no kumugira inama</u></p> <p>Ubuyobozi bw'Akarere n'Urwego baha umwana amakuru ku bijyanye na gahunda yo gushyirwa mu miryango, bakamugira inama ku bijyanye n'ubuzima bwe bw'ejo hazaza hitabwa ku kigero cy'imyaka agezemo n'umyubwira ye, kandi bagakora ku buryo umwana n'umuryango agiye kuzajyamo babanza gusurana.</p>	<p><u>Article 65: Duration of a child's stay in a social well-being institution</u></p> <p>The District authority in collaboration with the management of the social well-being institution ensures that a child spends in the social well-being institution a period not exceeding six months but that may be extended upon the authorisation from the Organ.</p> <p><u>Article 66: Programmes for reintegration of children into families</u></p> <p>The Organ, on the basis of the report from the District, authorises the reintegration of the child into his or her family, into a foster or adoptive family.</p> <p><u>Article 67: Providing information and counselling to a child</u></p> <p>The District authorities and the Organ give the child information on the reintegration programme, advise him or her about his or her future life taking into account his or her age category and understanding, and ensure prior mutual visits between the child and the family he or she is to be integrated into.</p>	<p><u>Article 65 : Durée de séjour d'un enfant dans un établissement social public</u></p> <p>L'autorité du District, en collaboration avec la direction de l'établissement social public s'assure que l'enfant passe dans cet établissement une période ne dépassant pas six mois mais qui peut être prolongée avec l'autorisation de l'Organe.</p> <p><u>Article 66 : Programmes de réintégration des enfants dans les familles</u></p> <p>L'Organe, sur base du rapport de District, autorise la réintégration de l'enfant dans sa famille, dans la famille d'accueil ou dans la famille d'adoption.</p> <p><u>Article 67 : Donner des informations et des conseils à l'enfant</u></p> <p>Les autorités de District et l'Organe donnent à l'enfant les informations sur le programme de réintégration, lui conseillent sur son avenir en tenant compte de sa catégorie d'âge et de son niveau de compréhension, et organisent des visites préalables entre l'enfant et la famille dans laquelle il va être intégré.</p>
---	--	---

<p><u>Ingingo va 68:</u> Gufasha umwana mu buzima bw'ejo hazaza</p> <p>Urwego n'Akarere bifatanyije n'ubuyobozi bw'ikigo cyita ku mibereho myiza bishyiraho uburyo na gahunda bisobanutse byo gufasha umwana ugejeje ku myaka 18 kugira ngo azibesheho mu buzima bw'ejo hazaza, by'umwihariko bumufasha muri ibi bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> (a) kubona aho kuba; (b) kumuha uburyo bw'imibereho; (c) kubona umwuga; (d) gukomeza amashuri. 	<p><u>Article 68:</u> Assisting a child for a future life</p> <p>The Organ and the District in collaboration with the management of a social well-being institution put in place clear modalities and programmes for assisting a child who has reached 18 years of age to become self-reliant in his or her future life, in particular by assisting him or her in the following:</p> <ul style="list-style-type: none"> (a) to get accommodation; (b) to provide him or her with subsistence means; (c) to get a profession; (d) further education. 	<p><u>Article 68 :</u> Aider un enfant pour son avenir</p> <p>L'Organe et le District en collaboration avec la direction d'un établissement social public met en place des modalités et programmes clairs pour aider un enfant qui atteint l'âge de 18 ans à se prendre en charge dans l'avenir, en lui assistant particulièrement en ce qui suit:</p> <ul style="list-style-type: none"> (a) trouver un logement ; (b) lui procurer les moyens de subsistance; (c) obtenir une profession ; (d) la poursuite des études.
<p><u>Icyiciro cya 6:</u> Ubugenzuzibw'ikigo cyita ku mibereho myiza</p> <p><u>Ingingo va 69:</u> Uburyo Akarere kagenzura ikigo cyita ku mibereho myiza</p> <ul style="list-style-type: none"> (1) Akarere kagenzura ikigo cyita ku mibereho myiza buri gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa. (2) Mu gihe cy'igenzura, abakozi b'Akarere bafite uburenganzira bwo 	<p><u>Section 6:</u> Social well-being institution inspection</p> <p><u>Article 69:</u> Modalities for a District to inspect social well-being institution</p> <ul style="list-style-type: none"> (1) The District inspects each social well-being institution quarterly and whenever necessary. (2) During the inspection, the District staff has access to all social well-being 	<p><u>Section 6 :</u> Inspection d'un établissement social public</p> <p><u>Article 69 :</u> Modalités d'inspection par un District d'un établissement social public</p> <ul style="list-style-type: none"> (1) Le District fait l'inspection de chaque établissement social public chaque trimestre et chaque fois que de besoin. (2) Lors de l'inspection, les agents du District ont l'accès dans tous les locaux

<p>kwinjira mu nyubako zose z'ikigo cyita ku mibereho myiza kandi ubuyobozi bwacyo bugomba kubaha amakuru n'inyandiko bakeneye.</p> <p>(3) Urwego rushobora kugenzura ikigo cyita ku mibereho myiza igihe cyose bibaye ngombwa.</p> <p><u>Ingingo va 70: Raporo y'igenzura</u></p> <p>(1) Nyuma y'igenzura, Ubuyobozi bw'Akarere bwoherereza Urwego raporo ku mikorere y'ikigo cyita ku mibereho myiza igaragaza ibyifuzo nama ku bigomba kunozwa, iyo bihari.</p> <p>(2) Urwego, rushingiye kuri raporo y'Akarere, rugena umurongo w'ibigomba kunozwa n'igihe ntarengwa cyo kubikora.</p> <p><u>Ingingo va 71: Ifunga ry'ikigo cyita ku mibereho myiza</u></p> <p>(1) Iyo nyuma yo gosesengura raporo y'igenzura ryakozwe n'Akarere, Urwego rutanyuzwe n'uburyo abana bitabwaho mu kigo cyita ku mibereho myiza, rushobora</p>	<p>institution premises, and the management of the social well-being institution must provide them with necessary information and documents.</p> <p>(3) The Organ may conduct inspection in the social well-being institution whenever necessary.</p> <p><u>Article 70: Inspection report</u></p> <p>(1) After an inspection, the District authority submits a report to the Organ on the functioning of the social well-being institution and recommendations for improvement, if any.</p> <p>(2) On the basis of the District report, the Organ provides orientation for improvement and time limit.</p> <p><u>Article 71: Closure of a social well-being institution</u></p> <p>(1) If, after analysing the report of the inspection conducted by the District, the Organ is not satisfied with the care given to children in a social well-being institution, it may withdraw the</p>	<p>de l'établissement social public et la direction de l'établissement social public doit leur donner les informations et les documents nécessaires.</p> <p>(3) L'Organe peut procéder à une inspection dans un établissement social public chaque fois que de besoin.</p> <p><u>Article 70 : Rapport d'inspection</u></p> <p>(1) Après l'inspection, l'autorité de District transmet un rapport à l'Organe sur le fonctionnement de l'établissement social public et les recommandations pour amélioration, s'il y en a.</p> <p>(2) Sur base du rapport du District, l'Organe donne l'orientation quant aux améliorations à apporter et les délais d'exécution.</p> <p><u>Article 71 : Fermeture d'un établissement social public</u></p> <p>(1) Si, après l'analyse du rapport d'inspection effectué par le District, l'Organe n'est pas satisfait de la façon dont les enfants sont traités dans l'établissement social public, elle peut</p>
---	---	--

<p>kucyambura uburenganzira bwo gukora.</p> <p>(2) Ku bufatanye n’Akarere, Urwego rushaka imiryango yakira abana bitabwagaho n’ikigo kita ku mibereho y’abana cyambuwe uburenganzira bwo gukora cyangwa rukabashyira mu kindi kigo cyujuje ibisabwa.</p>	<p>operational authorisation.</p> <p>(2) In collaboration with the District, the Organ seeks for foster families for children who were cared for by the social well-being institution whose operational authorisation is revoked, or places them in another institution fulfilling the requirements.</p>	<p>lui retirer l’autorisation de fonctionner.</p> <p>(2) En collaboration avec le District, l’Organe cherche des familles d’accueil pour les enfants qui étaient pris en charge par l’établissement social public dont l’autorisation de fonctionner est révoquée ou les place dans un autre établissement remplissant les conditions requises.</p>
<p>UMUTWE WA VI: ISHYIRWA MU BIKORWA RYA GAHUNDA MBONEZAMIKURIRE Y’ABANA BATO</p>	<p>CHAPTER VI: IMPLEMENTATION OF THE EARLY CHILDHOOD DEVELOPMENT PROGRAMME</p>	<p>CHAPITRE VI : MISE EN EXÉCUTION DU PROGRAMME DE DÉVELOPPEMENT DE LA PETITE ENFANCE</p>
<p><u>Ingingo</u> ya 72: Gahunda mbonezamikurire y’abana bato</p>	<p><u>Article 72: Early Childhood Development programmes</u></p>	<p><u>Article 72 : Programmes de développement de la petite enfance</u></p>
<p>Gahunda mbonezamikurire y’abana bato ni izi zikurikira:</p> <p>(a) ikigo cya ECD cy’icyitegererezo;</p> <p>(b) ikigo cya ECD;</p> <p>(c) urugo rwa ECD rukorera hafi y’abaturage;</p> <p>(d) urugo rwa ECD rukorera mu rugo rw’umuturage; na</p>	<p>Early childhood development programmes are the following:</p> <p>(a) the model ECD center;</p> <p>(b) the ECD center;</p> <p>(c) the community-based ECD center;</p> <p>(d) the home-based ECD services; and</p>	<p>Les programmes de développement de la petite enfance sont les suivants :</p> <p>(a) le centre modèle de l’ECD ;</p> <p>(b) le centre de l’ECD ;</p> <p>(c) le centre de l’ECD communautaire ;</p> <p>(d) les services de l’ECD à domicile ; et</p>

<p>(e) serivisi za ECD hasurwa imiryango.</p> <p><u>Icyiciro cya mbere:</u> Gutanga serivisi za ECD</p> <p><u>Akiciro ka mbere:</u> Ibisabwa mu gutanga serivisi za ECD</p> <p><u>Ingingo ya 73:</u> Kwandikisha ibikorwa bya ECD</p> <p>(1) Utanga serivisi za ECD agomba kwandikisha ibikorwa bye ku buyobozi bubifitiye ububasha mbere yo gutangira, yuzuzwa ifishi yo kwemererwa itangwa n’Urwego.</p> <p>(2) Ubuyobozi bw’Akarere ni bwo bufite ububasha bwo kwandika no kwemerera ikigo cya ECD cy’icyitegererezo n’ikigo cya ECD. Ubuyobozi bw’Umurenge ni bwo bufite ububasha bwo kwandika no kwemerera ingo za ECD zikorera hafi y’abaturage na serivisi za ECD hasurwa imiryango. Ubuyobozi bw’Akagari ni bwo bufite ububasha bwo kwandika no kwemerera ingo za ECD zikorera mu ngo z’abaturage.</p>	<p>(e) the home visitation ECD services.</p> <p><u>Section One:</u> ECD services delivery</p> <p><u>Subsection One:</u> Requirements to provide ECD services</p> <p><u>Article 73:</u> Registration of ECD activities</p> <p>(1) An ECD service provider must register his or her activities to the competent authority before starting to operate by filling an accreditation form provided by the Organ.</p> <p>(2) The District authority is competent to register and accredit a model ECD center and an ECD center. The Sector authority is competent to register and accredit community-based ECD centres and home visitation ECD services. The Cell authority is competent to register and accredit home-based ECD services.</p>	<p>(e) les services de l’ECD par des visites à domicile.</p> <p><u>Section première :</u> Prestation de services de l’ECD</p> <p><u>Sous-section première :</u> Conditions pour fournir des services de l’ECD</p> <p><u>Article 73 :</u> Inscription des activités de l’ECD</p> <p>(1) Un prestataire de services de l’ECD doit faire enregistrer ses activités auprès de l’autorité compétente avant de commencer à fonctionner, en remplissant un formulaire d’accréditation délivré par l’Organe.</p> <p>(2) L’autorité de District est compétente pour l’enregistrement et l’accréditation du centre modèle de l’ECD et du centre de l’ECD. L’autorité de Secteur est compétente pour l’enregistrement et l’accréditation des centres de l’ECD communautaires et des services de l’ECD par des visites à domicile. L’autorité de Cellule est compétente pour l’enregistrement et l’accréditation des services de l’ECD à domicile.</p>
---	--	---

<p><u>Ingingo ya 74: Ibisabwa abatanga serivisi za ECD muri rusange</u></p> <p>Utanga serivisi za ECD agomba kubahiriza –</p> <p>(a) ibipimo ngenderwaho by’ibanze, amabwiriza n’imirongo ngenderwaho;</p> <p>(b) n’ihame ryo kudahaza abana bafite ibibazo byihariye.</p>	<p><u>Article 74: General requirements to ECD service providers</u></p> <p>An ECD service provider must comply with –</p> <p>(a) minimum standards, norms and guidelines; and</p> <p>(b) the principle of the inclusion of children with special needs.</p>	<p><u>Article 74 : Conditions générales applicables aux prestataires de services de l’ECD</u></p> <p>Un prestataire de services de l’ECD doit –</p> <p>(a) se conformer aux standards minimums, normes et lignes directrices ; et</p> <p>(b) prendre en considération le principe de l’inclusion des enfants ayant des besoins spéciaux.</p>
<p><u>Ingingo ya 75: Komite y’ababyeyi</u></p> <p>Utanga serivisi za ECD agomba gushyiraho komite y’ababyeyi ishinzwe gufata ingamba kugira ngo habeho imikorere inoze ya gahunda ya ECD.</p>	<p><u>Article 75: Parents committee</u></p> <p>An ECD service provider must establish a parents committee to take measures for proper functioning of ECD programme.</p>	<p><u>Article 75 : Comité des parents</u></p> <p>Un prestataire de services de l’ECD doit mettre en place un comité des parents chargé de prendre des mesures pour le bon fonctionnement du programme de l’ECD.</p>
<p><u>Ingingo ya 76: Dosiye bwite y’umwana</u></p> <p>Utanga serivisi za ECD agomba kubika dosiye ya buri mwana uri muri gahunda ya ECD ikubiyemo amakuru akurikira:</p> <p>(a) amazina, imyaka n’igitsina by’umwana;</p> <p>(b) amazina, aderesi na nimero za</p>	<p><u>Article 76: Child’s personal file</u></p> <p>An ECD service provider must keep a file for every child who is under ECD programme that contains the following information:</p> <p>(a) names, age and gender of the child;</p> <p>(b) names, address and telephone numbers</p>	<p><u>Article 76 : Dossier personnel de l’enfant</u></p> <p>Un prestataire de services de l’ECD doit maintenir un dossier pour chaque enfant qui est dans le programme de l’ECD contenant les informations suivantes :</p> <p>(a) les noms, l’âge et le genre de l’enfant ;</p> <p>(b) les noms, l’adresse et les numéros de</p>

<p>telefoni by'ababyeyi b'umwana, by'umwishingizi cyangwa by'undi muntu ushinzwe kwita ku mwana;</p> <p>(c) uko ubuzima bw'umwana buhagaze.</p> <p><u>Ingingo ya 77: Ibisabwa mu kwemererwa gutanga serivisi mu kigo cya ECD cy'icyitegererezo, mu kigo cya ECD no mu rugo rwa ECD rukorera hafi y'abaturage</u></p> <p>(1) Kugira ngo utanga serivisi z'ikigo cya ECD cy'icyitegererezo, iz'ikigo cya ECD n'iz'urugo rwa ECD rukorera hafi y'abaturage yemererwe gukora, agomba kuba yujuje ibisabwa bikurikira:</p> <p>(a) kwerekana inyandiko ikubiyemo umushinga, yerekana mu buryo burambuye uko uzashyirwa mu bikorwa n'uburyo uzaramba, nk'uko wemejwe n'urwego rubifitiye ububasha;</p> <p>(b) kubahiriza ibisabwa birimo ibipimo by'ibanze, amabwiriza n'imirongo ngenderwaho bigenga serivisi za ECD.</p>	<p>of parents, guardian or other person with the duty to care for a child;</p> <p>(c) the child's health status.</p> <p><u>Article 77: Requirements for accreditation to provide model ECD center, ECD center and community-based ECD center services</u></p> <p>(1) To be accredited to provide model ECD, ECD center and community-based ECD center services, the service provider must fulfil the following requirements:</p> <p>(a) to present a project document detailing the entire execution of the project, including its sustainability, as approved by the competent authority;</p> <p>(b) to comply with requirements, including the minimum standards, norms and guidelines for ECD services.</p>	<p>téléphone des parents, du tuteur ou d'autre personne qui a le devoir de prendre soin de l'enfant ;</p> <p>(c) l'état de santé de l'enfant.</p> <p><u>Article 77 : Conditions requises d'accréditation pour fournir les services au centre modèle de l'ECD, au centre de l'ECD et au centre de l'ECD communautaire</u></p> <p>(1) Pour obtenir l'accréditation de fournir les services au centre modèle de l'ECD, au centre de l'ECD et au centre de l'ECD communautaire, le prestataire de services doit remplir les conditions suivantes :</p> <p>(a) présenter un document de projet détaillant toute l'exécution du projet, y compris sa durabilité, approuvé par l'autorité compétente ;</p> <p>(b) se conformer aux exigences, y compris les standards minimums, les normes et les lignes directrices pour les services de l'ECD.</p>
--	---	--

<p><u>Ingingo ya 78: Ibisabwa by’umwihariko mu kwemererwa gutanga serivisi za ECD zitangirwa mu kigo cya ECD cy’icyitegererezo no mu kigo cya ECD</u></p> <p>Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 77 y’iri teka, kugira ngo utanga serivisi z’ikigo cya ECD cy’icyitegererezo cyangwa iz’ikigo cya ECD yemererwe gukora, ikigo kigomba kuba cyujuje ibisabwa bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> (a) kuba cyubitse mu buryo bukurikije ibipimo ngenderwaho; (b) kuba gifite abarezi babifitiye impamyabumenyi kandi bahembwa; (c) kuba gitanga amahugurwa mu ngo za ECD zikorera hafi y’abaturage n’ingo za ECD zikorera mu ngo z’abaturage; (d) kuba gifite ibikoresho by’ibanze bifasha kwiga no gukina; (e) kuba gitanga serivisi za ECD. 	<p><u>Article 78: Particular requirements for accreditation to provide model ECD center and ECD center services</u></p> <p>Subject to the provisions of Article 77 of this Order, to be accredited to provide model ECD center or ECD center services, the center must fulfil the following requirements:</p> <ul style="list-style-type: none"> (a) to be constructed in conformity with the minimum standards; (b) to have employed certified trained caregivers; (c) to provide training to community-based ECD and home-based ECD services; (d) to have basic learning and playing materials; (e) to provide ECD services. 	<p><u>Article 78 : Conditions particulières requises d’accréditation pour fournir les services au centre modèle de l’ECD et au centre de l’ECD</u></p> <p>Sous réserve des dispositions de l’article 77 du présent arrêté, pour obtenir l’accréditation de fournir les services au centre modèle de l’ECD ou au centre de l’ECD, le centre doit remplir les conditions suivantes :</p> <ul style="list-style-type: none"> (a) être construit conformément aux standards minimums ; (b) avoir employé des assistants maternels qualifiés et certifiés ; (c) fournir des formations au centre de l’ECD communautaire et aux services de l’ECD à domicile ; (d) avoir un matériel didactique et de jeux de base ; (e) fournir des services de l’ECD.
---	--	---

<p><u>Ingingo ya 79: Ibisabwa by’umwihariko mu kwemererwa gutanga serivisi mu rugo rwa ECD rukorera hafi y’abaturage</u></p> <p>Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 77 y’iri teka, kugira ngo urugo rwa ECD rukorera hafi y’abaturage rwemererwe gutanga izo serivisi, urugo rugomba kuba rwujuje ibisabwa bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> (a) kuba rukorera mu nyubako zatijwe n’urusengeru cyangwa umusigiti, mu nzu ya Leta cyangwa indi yubatswe n’abaturage; (b) kuba rwujuje ibyangombwa by’ibanze mu kwakira abana; (c) kuba rufite umurezi wahuguwe kuri serivisi za ECD. 	<p><u>Article 79: Particular requirements for accreditation to provide community-based ECD center services</u></p> <p>Subject to the provisions of Article 77 of this Order, to be accredited to provide community-based ECD center services, the center must fulfil the following requirements:</p> <ul style="list-style-type: none"> (a) to be established in a building lent by the church or mosque, a State property or a building constructed by the local population; (b) to meet minimum requirements to host children; (c) to have a caregiver trained on ECD services. 	<p><u>Article 79 : Conditions particulières requises d’accréditation pour fournir les services au centre de l’ECD communautaire</u></p> <p>Sous réserve des dispositions de l’article 77 du présent arrêté, pour obtenir l’accréditation de fournir les services au centre de l’ECD communautaire, le centre doit remplir les conditions suivantes:</p> <ul style="list-style-type: none"> (a) être établi dans un bâtiment prêté par une église ou une mosquée, dans une propriété de l’État ou dans un bâtiment construit par la population locale ; (b) répondre aux exigences minimales pour accueillir les enfants ; (c) avoir un assistant maternel formé sur les services de l’ECD.
<p><u>Ingingo ya 80: Ibisabwa mu kwemererwa gutanga serivisi mu rugo rwa ECD rukorera mu rugo rw’umuturage</u></p> <p>Kugira ngo urugo rwatoranyirijwe gutangirwamo serivisi za ECD zitangirwa mu rugo rw’umuturage rwemererwe gutanga izo serivisi, rugomba kuba rwujuje ibisabwa bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> (a) kuba rufite umutekano kandi 	<p><u>Article 80: Requirements for accreditation to provide home-based ECD services</u></p> <p>To be accredited to provide home-based ECD services, a selected home to host ECD services provision must fulfil the following requirements:</p> <ul style="list-style-type: none"> (a) to be a safe home with fence; 	<p><u>Article 80 : Conditions requises d’accréditation pour fournir les services de l’ECD à domicile</u></p> <p>Pour obtenir l’accréditation de fournir les services de l’ECD à domicile, le foyer sélectionné pour accueillir la prestation de services de l’ECD doit remplir les conditions suivantes :</p> <ul style="list-style-type: none"> (a) être sécurisé avec une clôture ;

<p>ruzitiye;</p> <p>(b) kuba rufite imbuga y’aho abana bakinira;</p> <p>(c) kuba rufite amazi meza;</p> <p>(d) kuba rufite ubwiherero bufite isuku;</p> <p>(e) kuba rufite igikoni gifite isuku;</p> <p>(f) kuba rufite umurima w’igikoni;</p> <p>(g) kuba rucungwa n’umuntu w’inyangamugayo.</p>	<p>(b) to have appropriate ground to allow children to play;</p> <p>(c) to have clean water;</p> <p>(d) to have clean toilet;</p> <p>(e) to have a clean kitchen;</p> <p>(f) to have a kitchen garden;</p> <p>(g) to be managed by a person of integrity.</p>	<p>(b) avoir un espace approprié pour permettre aux enfants de jouer ;</p> <p>(c) avoir de l’eau propre ;</p> <p>(d) avoir une toilette propre ;</p> <p>(e) avoir une cuisine propre ;</p> <p>(f) avoir un jardin potager ;</p> <p>(g) être géré par une personne intègre.</p>
<p><u>Ingingo ya 81: Imitangire ya serivisi mu rugo rwa ECD rukorera mu rugo rw’umuturage</u></p> <p>Mu rugo rwa ECD rukorera mu rugo rw’umuturage, ababyeyi, abishingizi cyangwa abandi bantu bashinzwe kwita ku mwana bita ku bana ubwabo. icyakora, ababyeyi, abishingizi cyangwa abandi bantu bashinzwe kwita ku mwana bashobora gufata icyemezo cyo guha akazi abarezi kandi serivisi zigatangwa mu buryo bukurikira:</p> <p>(a) urugo rwa ECD rukorera mu rugo rw’umuturage ruyoborwa</p>	<p><u>Article 81: Service delivery in home-based ECD</u></p> <p>In home-based ECD, parents, guardians or other persons with the duty to care for a child provide themselves care to children. However, parents, guardians or other persons with the duty to care for a child may decide to hire caregivers and services are provided as follows:</p> <p>(a) a home-based ECD is led by a “parent leader” selected among parents from</p>	<p><u>Article 81 : Prestation de services de l’ECD à domicile</u></p> <p>Pour les services de l’ECD à domicile, les parents, les tuteurs ou d’autres personnes qui ont le devoir de prendre soin de l’enfant s’occupent eux-mêmes des enfants. Toutefois, les parents, les tuteurs ou d’autres personnes qui ont le devoir de prendre soin de l’enfant peuvent décider d’engager des assistants maternels et les services sont fournis comme suit :</p> <p>(a) un foyer pour les services de l’ECD à domicile est dirigé par un “parent</p>

<p>n'umubyeyi uhagarariye abandi watowe mu babyeyi batuye mu ngo zizarerera mu rugo rwatoranyijwe;</p> <p>(b) buri rugo rwa ECD rukorera mu rugo rw'umuturage rushyiraho amabwiriza agenga imikorere n'imirungire bya gahunda ya ECD hashingiwe ku bipimo ngenderwaho by'ibanze bya ECD;</p> <p>(c) hagomba kuba hari ababyeyi cyangwa abarezi babiri buri muni; umwe ushinzwe ibikorwa byo kwita ku bana, undi ushinzwe umutekano n'isuku by'abana. Uyu mubare ushobora kwiyongera bitewe n'umubare w'abana bakeneye kwitabwaho;</p> <p>(d) amasaha y'akazi ni kuva saa tatu za mu gitondo kugeza saa sita z'amanywa. Komite y'ababyeyi ishobora kuyongera cyangwa kuyagabanya;</p> <p>(e) ababyeyi, abishingizi cyangwa abandi bantu bashinzwe kwita ku mwana cyangwa abarezi bakoresha integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi yemejwe n'inzego zibifitiye ububasha,</p>	<p>households that form a home-based group;</p> <p>(b) each home-based ECD puts in place its regulations determining the functioning and management of ECD programme according to ECD minimum standards;</p> <p>(c) there must be two parents or caregivers per day; one carries out care activities, the other ensures the security and hygiene of children. This number may increase according to the number of children to take care of;</p> <p>(d) working hours are from 9:00 am to 12:00 pm. The parent's committee may extend or reduce them;</p> <p>(e) parents, guardians or other persons with the duty to take care of a child or caregivers use competence-based curriculum approved by the competent organs and parenting curriculum and parenting guides developed by the</p>	<p>leader" sélectionné parmi les parents des ménages qui forment un groupe à domicile ;</p> <p>(b) chaque foyer pour les services de l'ECD à domicile met en place les règlements déterminant le fonctionnement et la gestion du programme de l'ECD conformément aux normes minimales pour l'ECD ;</p> <p>(c) il doit y avoir deux parents ou assistants maternels par jour; un pour les activités de soins et l'autre qui assure la sécurité et l'hygiène des enfants. Ce nombre peut augmenter en fonction du nombre d'enfants à prendre en charge ;</p> <p>(d) les heures de service sont de 9 heures à 12 heures. Le comité des parents peut les augmenter ou les réduire ;</p> <p>(e) les parents, tuteurs ou autres personnes chargées de prendre soin de l'enfant ou les assistants maternels utilisent le programme d'enseignement basé sur les compétences approuvé par les organes compétents, le programme</p>
--	---	---

<p>integanyanyigisho ku burere buboneye n'imfashanyigisho ku burere buboneye byateguwe n'Urwego n'izindi gahunda za ECD ku rwego rw'Igihugu.</p> <p><u>Ingingo ya 82: Ibisabwa mu kwemererwa gutanga serivisi za ECD hasurwa imiryango</u></p> <p>Umuntu wese, kugira ngo yemererwe gutanga serivisi za ECD hasurwa imiryango, agomba kwerekana umushinga urambuye ukubiyemo ibibazo nyakuri by'abana bikeneye gukemurwa mu muryango, abatwaga bireba, uburyo buzakoreshwa n'ibikoresho bizakoreshwa.</p> <p><u>Ingingo ya 83: Integanyanyigisho</u></p> <p>(1) Ibigo bya ECD byose byakira abana bari hagati y'imyaka itatu n'imyaka itandatu y'amavuko bigomba gukoresha integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi yateguwe na Minisiteri ifite uburezi mu nshingano hamwe n'integanyanyigisho ku burere buboneye n'imfashanyigisho ku burere buboneye byateguwe n'Urwego.</p> <p>(2) Ku bana bari muni y'imyaka itatu</p>	<p>Organ and other national ECD programs.</p> <p><u>Article 82: Requirements to be accredited to provide home visitation ECD services</u></p> <p>Any person, to be accredited to provide home visitation ECD services, must present a detailed project containing the real challenges for children that need to be addressed in the community, target population, approach and materials to be used.</p> <p><u>Article 83: Curriculum</u></p> <p>(1) All ECD centres with children aged between three and six years old must use the competence-based curriculum developed by the Ministry in charge of education and parenting curriculum and parenting guides developed by the Organ.</p> <p>(2) For children under three years old, use</p>	<p>d'enseignement de la parentalité et le guide pédagogique de la parentalité élaborés par l'Organe et d'autres programmes nationaux de l'ECD.</p> <p><u>Article 82 : Conditions requises d'accréditation pour fournir les services de l'ECD par des visites à domicile</u></p> <p>Toute personne, pour obtenir l'accréditation de fournir les services de l'ECD par des visites à domicile, doit présenter un projet détaillé montrant des problèmes réels des enfants qui ont besoin d'être résolus dans la communauté, la population cible, l'approche et le matériel à utiliser.</p> <p><u>Article 83 : Curriculum</u></p> <p>(1) Tous les centres de l'ECD ayant des enfants âgés de trois à six ans doivent utiliser le programme d'enseignement basé sur les compétences développé par le Ministère ayant l'éducation dans ses attributions ainsi que le programme d'enseignement de la parentalité et le guide pédagogique de la parentalité élaborés par l'Organe.</p> <p>(2) Pour les enfants de moins de trois ans,</p>
---	--	--

<p>y'amavuko, hakoreshwa gahunda y'integanyanyigisho ku burere buboneye n'imfashanyigisho ku burere buboneye yateguwe n'Urwego.</p> <p>(3) Ingegabihe itangwa mu nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi ni yo ishingirwaho mu gutegura ibikorwa bya buri muni by'imikino n'inyigisho mu bigo, mu ngo no mu gusura imiryango hagamijwe kugira gahunda imwe mu Gihugu.</p> <p><u>Ingingo ya 84:</u> Raporo ya serivisi zose za ECD zemerewe gukorera mu Karere</p> <p>(1) Ubuyobozi bw'Akagari bushyikiriza Umurenge raporo igaragaza ingo za ECD zikorera mu rugo rw'umuturage zemerewe gukora.</p> <p>(2) Ubuyobozi bw'Umurenge buhuza raporo zavuye mu Tugari tugize uwo Murenge bukongeraho raporo y'ingo za ECD zikorera hafi y'abaturage ndetse na serivisi za ECD zo gusura abaturage zemerewe gukora, bugashyikiriza raporo ikomatanyije Akarere;</p>	<p>is made of the parenting curriculum and parenting guides developed by the Organ.</p> <p>(3) The timetable provided in the competence-based curriculum serves as the basis for developing daily playing and learning activities in the centres, homes and home visits to have the common programme in the country.</p> <p><u>Article 84:</u> Report of all accredited ECD services in the District</p> <p>(1) The Cell authority submits to the Sector a report of all accredited home-based ECD services.</p> <p>(2) The Sector authority compiles reports from all Cells of the Sector and a report of all accredited community-based ECD centres and home visitation ECD services into a single report, and submits it to the District.</p>	<p>il est fait usage du programme d'enseignement de la parentalité et du guide pédagogique de la parentalité, développés par l'Organe.</p> <p>(3) Le calendrier fourni dans le programme d'enseignement basé sur les compétences sert de base pour développer des activités de jeu et d'apprentissage quotidiennes dans les centres, les foyers et les visites à domicile afin d'avoir le même programme dans le pays.</p> <p><u>Article 84 :</u> Rapport de tous les services de l'ECD accrédités dans le District</p> <p>(1) L'autorité de la Cellule transmet au Secteur le rapport de tous les services de l'ECD à domicile accrédités.</p> <p>(2) L'autorité de Secteur compile en un seul rapport des rapports provenant de toutes les Cellules de ce Secteur avec le rapport de tous les centres de l'ECD communautaires et les services de l'ECD par des visites à domicile accrédités, et transmet le rapport consolidé au District.</p>
---	---	--

<p>(3) Buri gihembwe, ubuyobozi bw'Akarere bugashyikiriza Urwego raporo ikomatanyije ya serivisi zose za ECD zemerewe gukorera mu Karere.</p> <p><u>Akicro ka 2: Amahugurwa y'abarezi</u></p> <p><u>Ingingo ya 85: Inyigisho zitegurirwa amahugurwa</u></p> <p>Umufatanyabikorwa ushaka guhugura abarezi agomba kwifashisha integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi ya ECD ku bana bari hagati y'imyaka itatu n'imyaka itandatu y'amavuko hamwe n'integanyanyigisho n'imfashanyigisho ku burere buboneye ku bana bari muni y'imyaka itatu.</p> <p><u>Ingingo ya 86: Imfashanyigisho n'ibikinisho</u></p> <p>Imfashanyigisho n'ibikinisho byose bikoreshwa muri ECD bigomba kuba bijyanye n'imyaka y'abana.</p> <p><u>Icyiciro cya 2: Ikurikiranabikorwa, gukora raporo no guhagarika ibikorwa</u></p> <p><u>Akicro ka mbere: Ikurikiranabikorwa</u></p>	<p>(3) Every quarter, the District authority submits to the Organ, a consolidated report of all accredited ECD services in the District.</p> <p><u>Subsection 2: Training for caregivers</u></p> <p><u>Article 85: Training modules</u></p> <p>A stakeholder intending to train caregivers must refer to ECD competence-based curriculum for children aged between three and six years and parenting curriculum and parenting guides for children less than three years old.</p> <p><u>Article 86: Learning and playing materials</u></p> <p>All ECD learning and playing materials must be adapted to the age of children.</p> <p><u>Section 2: Monitoring, reporting and closing of the services</u></p> <p><u>Subsection One: Monitoring</u></p>	<p>(3) Chaque trimestre, l'autorité de District transmet à l'Organe un rapport consolidé de tous les services de l'ECD accrédités dans le District.</p> <p><u>Sous-section 2 : Formation des assistants maternels</u></p> <p><u>Article 85 : Modules de formation</u></p> <p>Un partenaire qui désire former les assistants maternels doit se référer au programme d'enseignement basé sur les compétences de l'ECD pour les enfants de trois à six ans et le programme d'enseignement de la parentalité et le guide pédagogique de la parentalité pour les enfants de moins de trois ans.</p> <p><u>Article 86 : Matériel didactique et de jeux</u></p> <p>Tout le matériel didactique et de jeux de l'ECD doit être adapté à l'âge des enfants.</p> <p><u>Section 2 : Suivi, élaboration des rapports et fermeture de services</u></p> <p><u>Sous-section première : Suivi</u></p>
---	--	---

<p><u>Ingingo ya 87: Ikurikiranabikorwa ku rwego rw'Igihugu</u></p> <p>Umuyobozi w'Urwego ahuza kandi agakurikirana itangwa rya serivisi za ECD ku rwego rw'Igihugu kandi agashyikiriza Minisiteri ifite umwana mu nshingano raporo ya buri gihembwe n'iy'umwaka.</p>	<p><u>Article 87: Monitoring at national level</u></p> <p>The head of the Organ coordinates and monitors the implementation of ECD services at national level and submits quarterly and annual reports to the Ministry in charge of the child.</p>	<p><u>Article 87 : Suivi au niveau national</u></p> <p>Le responsable de l'Organe fait la coordination et le suivi de la mise en exécution des services de l'ECD au niveau national et transmet les rapports trimestriels et annuels au Ministère ayant l'enfant dans ses attributions.</p>
<p><u>Ingingo ya 88: Ikurikiranabikorwa ku rwego rw'Akarere</u></p> <p>(1) Akarere gahuza kandi gakurikirana buri gihembwe serivisi za ECD.</p> <p>(2) Akarere gakora iteganyabikorwa, ikurikiranabikorwa n'isuzumabikorwa kandi kagaha Urwego raporo zirebana na serivisi za ECD.</p>	<p><u>Article 88: Monitoring at District level</u></p> <p>(1) The District coordinates and monitors the implementation of ECD services on quarterly basis.</p> <p>(2) The District carries out planning, monitoring and evaluating and reports on ECD services to the Organ.</p>	<p><u>Article 88 : Suivi au niveau du District</u></p> <p>(1) Le District fait la coordination et le suivi des services de l'ECD chaque trimestre.</p> <p>(2) Le District effectue la planification, le suivi et l'évaluation, et transmet des rapports sur les services de l'ECD à l'Organe.</p>
<p><u>Ingingo ya 89: Ikurikiranabikorwa ku rwego rw'Umurenge n'urw'Akagari</u></p> <p>Ikurikiranabikorwa ku rwego rw'Umurenge n'urw'Akagari rikorwa ku buryo bukurikira:</p> <p>(a) ubuyobozi bw'Umurenge bugenzura ibigo bya ECD by'icyitegererezo, ibigo bya ECD, ingo za ECD zikorera</p>	<p><u>Article 89: Monitoring at Sector and Cell levels</u></p> <p>The monitoring at Sector and Cell levels is carried out as follows:</p> <p>(a) Sector's authorities oversee the model ECD centres, ECD centres, community-based ECD centres and</p>	<p><u>Article 89 : Suivi au niveau du Secteur et de la Cellule</u></p> <p>Le suivi au niveau du Secteur et de la Cellule se fait comme suit :</p> <p>(a) les autorités de Secteur supervisent les centres modèles de l'ECD, les centres de l'ECD, les centres de l'ECD</p>

<p>hafi y'abaturage na serivisi za ECD hasurwa imiryango bikorera mu Tugari;</p> <p>(b) ubuyobozi bw'Akagari bukurikirana kandi bugatanga raporo ku Murenge buri kwezi ku bikorwa bikorerwa mu ngo za ECD zikorera mu ngo z'abaturage;</p> <p>(c) ubuyobozi bw'Umurenge n'ubw'Akagari bukora ubukangurambaga mu baturage kuri serivisi za ECD kugira ngo bagire uruhare mu itangwa rya serivisi za ECD.</p>	<p>home visitation ECD services operating in the Cells;</p> <p>(b) Cell authorities monitor and report to the Sector on monthly basis on all activities happening in home-based ECD services;</p> <p>(c) Sector's and Cell's authorities carry out mobilisation and sensitisation of local population on ECD services to contribute to ECD service provision.</p>	<p>communautaires et les services de l'ECD par des visites à domicile opérant dans les Cellules ;</p> <p>(b) les autorités de Cellule font le suivi et transmettent un rapport mensuel au Secteur sur toutes les activités se déroulant dans les services de l'ECD à domicile ;</p> <p>(c) les autorités de Secteur et de Cellule mobilisent et sensibilisent la population locale sur les services de l'ECD afin de contribuer à la prestation de services de l'ECD.</p>
<p><u>Akiciro ka 2: Raporo ya ECD</u></p>	<p><u>Subsection 2: ECD report</u></p>	<p><u>Sous-section 2 : Rapport de l'ECD</u></p>
<p><u>Ingingo ya 90: Gukora no gutanga raporo ya ECD</u></p>	<p><u>Article 90: Production and submission of ECD report</u></p>	<p><u>Article 90 : Élaboration et transmission de rapport de l'ECD</u></p>
<p>(1) Ubuyobozi bw'urugo rwa ECD rukorera mu rugo rw'umuturage bukora raporo buri kwezi bukayishyikiriza ubuyobozi bw'Akagari rukoreramo.</p> <p>(2) Ubuyobozi bw'ikigo cya ECD cy'icyitegererezo, ubw'ikigo cya ECD, ubw'urugo rwa ECD rukorera hafi y'abaturage n'ubwa serivisi za</p>	<p>(1) The management of a home-based ECD services produces a monthly report and submits it to the Cell authority of their area of operation.</p> <p>(2) The management of a model ECD center, an ECD center, a community-based ECD center and home visitation ECD services produces each a</p>	<p>(1) La direction de services de l'ECD à domicile élabore un rapport mensuel qu'elle transmet à l'autorité de Cellule de leurs lieux de travail.</p> <p>(2) La direction d'un centre modèle de l'ECD, d'un centre de l'ECD, d'un centre de l'ECD communautaire et des services de l'ECD par des visites à</p>

<p>ECD hasurwa imiryango bukora raporo buri gihembwe, bukayishyikiriza ubuyobozi bw'Umurenge bukoreramo.</p>	<p>quarterly report and submits it to the Sector authority of their area of operation.</p>	<p>domicile élabore chacune un rapport trimestriel qu'elle transmet à l'autorité de Secteur de leurs lieux de travail.</p>
<p><u>Ingingo ya 91: Gukusanya no guhuza raporo za ECD</u></p>	<p><u>Article 91: Collecting and compiling ECD reports</u></p>	<p><u>Article 91 : Collecte et compilation des rapports de l'ECD</u></p>
<p>(1) Ubuyobozi bw'Akagari bukusanya buri kwezi raporo zitangwa n'ingo za ECD zikorera mu rugo rw'umuturage, bugategura raporo ikomatanyije y'izo ngo, bukayishyikiriza ubuyobozi bw'Umurenge.</p>	<p>(1) The Cell authority collects reports from home-based ECD services, compiles them into a single report, and submits it to the Sector authority on a monthly basis.</p>	<p>(1) L'autorité de Cellule collecte chaque mois les rapports provenant de services de l'ECD à domicile et prépare un seul rapport compilé et le transmet à l'autorité de Secteur.</p>
<p>(2) Ubuyobozi bw'Umurenge bushingiye kuri raporo zatanzwe n'ibigo bya ECD by'icyitegererezo, ibigo bya ECD, ingo za ECD zikorera hafi y'abaturatione, serivisi za ECD hasurwa imiryango, hamwe na raporo ku ngo za ECD zikorera mu ngo z'abaturatione zatanzwe n'Utugari, bukora raporo buri gihembwe kuri serivisi za ECD, bukayishyikiriza Ubuyobozi bw'Akarere.</p>	<p>(2) The Sector authority, based on reports from model ECD centres, ECD centres, community-based ECD centres and home visitation ECD services, and reports on home-based ECD services submitted by the Cells authorities, draws up a quarterly report on ECD services and transmits it to the District authority.</p>	<p>(2) L'autorité de Secteur, sur base des rapports provenant de centres modèles de l'ECD, de centres de l'ECD, de centres de l'ECD communautaires, de services de l'ECD par des visites à domicile et des rapports sur les services de l'ECD à domicile transmis par les autorités de Cellules, élabore un rapport trimestriel sur les services de l'ECD et le transmet à l'autorité de District.</p>
<p>(3) Ubuyobozi bw'Akarere butegura raporo kuri serivisi za ECD, bukayishyikiriza Urwego.</p>	<p>(3) The District authority produces a compiled report on ECD services and transmits it to the Organ.</p>	<p>(3) L'autorité de District élabore t un rapport compilé de services de l'ECD et le transmet à l'Organe.</p>

<p><u>Ingingo ya 92: Ibigize raporo ya ECD</u></p>	<p><u>Article 92: Content of the ECD report</u></p>	<p><u>Article 92 : Contenu du rapport de l'ECD</u></p>
<p>Raporo ya ECD igomba kugaragaza ibi bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> (a) urutonde rw'abana bitabiriye; (b) umubare w'abana bategurirwa kwiga amashuri abanza bitewe n'imyaka bafite; (c) ibiganiro byahawe ababyeyi; (d) uko isuku, ubuzima n'imirire ku bana bihagaze; (e) ibibazo abana bahuye na byo n'ingamba zafashwe; (f) uruhare rw'ababyeyi, abishingizi cyangwa abandi bantu bashinzwe kwita ku mwana n'umuryango mu itangwa rya serivisi za ECD; (g) ukudahezwa kw'abana bafite ibibazo byihariye; (h) imbogamizi bahuye na zo. 	<p>The ECD report must include the following information:</p> <ul style="list-style-type: none"> (a) the children attendance list; (b) the number of children ready for primary school based on their age; (c) parent education sessions provided; (d) hygiene, health and nutrition status of children; (e) incidents that children faced and action taken; (f) parents, guardians or others persons with the duty to care for a child and community participation in ECD service provision; (g) inclusion for children with special needs; (h) encountered challenges. 	<p>Le rapport de l'ECD doit contenir les informations suivantes :</p> <ul style="list-style-type: none"> (a) la liste de présence des enfants ; (b) le nombre des enfants prêts pour l'école primaire en fonction de leur âge; (c) les séances éducatives fournies pour les parents ; (d) l'état d'hygiène, de santé et de nutrition des enfants ; (e) les incidents que les enfants ont connus et les mesures prises ; (f) la participation des parents, des tuteurs ou d'autres personnes qui ont le devoir de prendre soin de l'enfant et celle de la communauté à la prestation de services de l'ECD ; (g) l'inclusion des enfants ayant des besoins spéciaux ; (h) les défis rencontrés.

<p><u>Akicro ka 3: Guhagarika itangwa rya serivisi za ECD</u></p> <p><u>Ingingo ya 93: Utanga serivisi za ECD uzihagarika ku mpamvu ze bwite</u></p> <p>Utanga serivisi za ECD ushaka guhagarika itangwa ryazo agomba kunyura mu nzira zikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none">(a) gutanga ubusabe mu nyandiko mu buyobozi bw'Akarere asaba uruhushya rwo guhagarika serivisi za ECD mu minsi 90 mbere yo guhagarika gutanga serivisi;(b) gusobanura neza impamvu ashaka guhagarika gutanga serivisi;(c) Akarere kamenyesha utanga serivisi za ECD icyemezo kafashe mu minsi 30 ibarwa uherye igihe kakiriye ubusabe, kakabimenyesha Urwego na Minisiteri ifite umwana mu nshingano.	<p><u>Subsection 3: Closing the ECD services provision</u></p> <p><u>Article 93: Service provider of ECD closing for his or her own reasons</u></p> <p>An ECD service provider intending to close his or her ECD services must follow the following steps:</p> <ul style="list-style-type: none">(a) to request in writing to the District authorities the permission for closing ECD services within 90 days before closing the service provision;(b) to state clearly the reason why he or she intends to close the service provision;(c) the District communicates its decision to the ECD service provider within 30 days from the receipt of the request and informs the Organ and the Ministry in charge of the child.	<p><u>Sous-section 3 : Fermeture de la prestation de services de l'ECD</u></p> <p><u>Article 93 : Fermeture par le prestataire de services de l'ECD pour ses propres raisons</u></p> <p>Un prestataire de services de l'ECD ayant l'intention de fermer ses services de l'ECD doit suivre les étapes suivantes :</p> <ul style="list-style-type: none">(a) demander par écrit aux autorités de District l'autorisation de fermer des services de l'ECD endéans 90 jours avant la fermeture de la prestation de services ;(b) indiquer clairement les raisons pour lesquelles il souhaite fermer la prestation de services ;(c) le District notifie la décision prise au prestataire de services de l'ECD endéans 30 jours à partir de la réception de la demande et en informe l'Organe et le Ministère ayant l'enfant dans ses attributions.
--	--	---

<p><u>Ingingo ya 94: Guhagarika itangwa rya serivisi za ECD bikozwe n’ubuyobozi bireba</u></p> <p>Ubuyobozi bwemereye serivisi za ECD gukora hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 75 y’iri teka, buhagarika itangwa rya serivisi za ECD iyo –</p> <p>(a) habayeho kutuzuzwa ibipimo ngenderwaho, amahame n’amabwiriza by’ingo za ECD;</p> <p>(b) hadutse icyorezo cyangwa indwara yanduza ishobora kwanduza abana;</p> <p>(c) habaye ivangura iryo ari ryo ryose rikorewe abana cyangwa abakozi;</p> <p>(d) hari amakuba ashobora kubaho kandi akabangamira abana;</p> <p>(e) cyangwa hari indi mpamvu ubuyobozi bw’Akarere bubona ari ngombwa.</p> <p><u>UMUTWE WA VII: INGINGO Y’INZIBACYUHO N’IZISOZA</u></p>	<p><u>Article 94: Closing ECD services provision by relevant authorities</u></p> <p>The authority that accredited ECD service in accordance with the provisions of Article 75 of this Order, closes the provision of the service in case of –</p> <p>(a) non-compliance with ECD centres’ standards, principles and regulations;</p> <p>(b) the outbreak of an epidemic or a pandemic, or contagious disease that can affect children;</p> <p>(c) any kind of discrimination towards children or staff members;</p> <p>(d) potential hazards that may occur and affect children; or</p> <p>(e) any other ground considered relevant by the authority of the District.</p> <p><u>CHAPTER VII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>Article 94 : Fermeture de la prestation de services de l’ECD par les autorités concernées</u></p> <p>L’autorité qui a accrédité les services de l’ECD conformément aux dispositions de l’article 75 du présent arrêté, ferme la prestation de ce service lorsqu’il y a –</p> <p>(a) la non-conformité aux normes, principes et règlements de centres de l’ECD ;</p> <p>(b) l’apparition d’une épidémie ou d’une pandémie, ou d’une maladie contagieuse pouvant affecter les enfants ;</p> <p>(c) toute forme de discrimination envers les enfants ou les membres du personnel ;</p> <p>(d) des dangers potentiels pouvant survenir et affecter la vie des enfants ; ou</p> <p>(e) tout autre motif jugé pertinent par l’autorité du District.</p> <p><u>CHAPITRE VII : DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES</u></p>
--	--	---

<p><u>Ingingo ya 95: Igihe cyo kubahiriza ibiteganywa n’iri teka</u></p> <p>Imiryango yakiriye abana mbere y’uko iri teka ritangira gukurikizwa ihawe amezi atandatu uherye ku munsu iri teka ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda kugira ngo ibe yubahirije ibiteganywa na ryo.</p> <p><u>Ingingo ya 96: Ingingo y’ururimi</u></p> <p>Iri teka ryateguwe mu rurimi rw’Icyongereza.</p> <p><u>Ingingo ya 97: Ingingo ivanaho</u></p> <p>Iteka rya Minisitiri n° 001/MIGEPF/2020 ryo ku wa 03/06/2020 rishyiraho amabwiriza agenga ishyirwa mu bikorwa rya gahunda mbonezamukire y’abana bato rivanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 98: Gutangira gukurikizwa</u></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.</p>	<p><u>Article 95: Period for compliance with provisions of this Order</u></p> <p>Families serving as foster families before the entry into force of this Order have a period of six months from the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda to comply with the provisions of this Order.</p> <p><u>Article 96: Language provision</u></p> <p>This Order was drafted in English.</p> <p><u>Article 97: Repealing provision</u></p> <p>Ministerial Order n° 001/MIGEPF/2020 of 03/06/2020 establishing regulations on the implementation of the early childhood development programme is repealed.</p> <p><u>Article 98: Entry into force</u></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><u>Article 95 : Période pour se conformer aux dispositions du présent arrêté</u></p> <p>Les familles ayant accueilli les enfants avant l’entrée en vigueur du présent arrêté disposent d’un délai de six mois à compter du jour de la publication du présent arrêté au Journal Officiel de la République du Rwanda pour se conformer aux dispositions du présent arrêté.</p> <p><u>Article 96 : Disposition linguistique</u></p> <p>Le présent arrêté a été rédigé en anglais.</p> <p><u>Article 97 : Disposition abrogatoire</u></p> <p>L’Arrêté Ministériel n° 001/MIGEPF/2020 du 03/06/2020 portant règlements de la mise en exécution du programme de développement de la petite enfance est abrogé.</p> <p><u>Article 98: Entrée en vigueur</u></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
--	--	---

Kigali, 12/01/2023

(sé)

Assoc. Prof. BAYISENGE Jeannette
Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango
Minister of Gender and Family Promotion
Ministre du Genre et de la Promotion de la Famille

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux